

Kristu Aragarutse – Arivugira ukuri kwe

Ibaruwa ya IV

Jye, Kristu, naje – kubera urukundo mbafitiye – gukora incamake y’ibyo naboneye byose mu imurikirwa mu butayu, nkagerageza kubyigisha Abayahudi muri Palestina hashize imyaka 2000. Bimwe mu by’ubuzima bwanjye ku isi byavuzwe mu Mabaruruwa 1, 2, na 3. Brw4/1

Niba mwarayasomye, muzamenya ko bifitiye akamaro k’ikirenga imibereho myiza yanyu kumva ko – nubwo abayoboke banjye byarangiye baremye idini bise ‘Ubukristu’ rishingiye ku byavuzwe ku buzima n’inyigisho byanjye – ntarimo nandikishiriza aya **Mabaruruwa** kwigisha no guhamya ibyo abayoboke banjye bigishije. Ubukristu ni idini risanzwe ryakiriye - **gusa** kubera impamvu zishingiye ku nyungu z’akanya gato - ibyemerwa byinshi bigongana n’Ukuri kwa roho kw’**ISOKO yacu Y’UKUBA**. Brw4/2

Ukumena amaraso bihuriye he na ROHO MPUZAHOSE? Brw4/3

Nk’uko ubu noneho mushobora kubyumva, kwigisha kwanjye guhera mu ntangiriro nyirizina y’ubutumwa bwanjye ku isi muri Palestina, kwamye iteka guturuka ku **Kuri** nya-roho¹ **kw’Imibereho** kw’ikirenga, kudafite icyo gupfana n’intekerezo² n’ibonezabwenge³ uko byigishwa na za gatekerezi⁴ nya-muntu⁵. Brw4/4

Ni yo mpamvu, mbisubiremo nkomeje, mu gihe uwo nari we ku isi hashize imyaka ibihumbi bibiri yari uwitwa **YEZU**, impamvu y’ukuhaba kwanjye, **UKUHABA KWA KRISTU**, – muri aya Mabaruruwa, ni ugushyikira roho zibasha kumva kandi zihumekerwamo ngo nzigishe uko zakwitabaza **Ubufasha Nya-mana**⁶ mu gihe cy’amage kiri imbere isi bazarangira ishowemo. Kubera iyo mpamvu, icyifuzo cyanjye gikomeye cyo gutabara abashobora kunyakira, cyabumbabumbwe mu iforoma y’**UKURI KW’IMIBEREHO** muri aya **Mabaruruwa**. Mubimenye – mubyitondere. Brw4/5

Ndashaka ko mubimenya – **kandi mukabyitaho by’umwihariko** – ko naje nsanga Abayahudi muri Palestina, imyaka 70 mbere y’uko Yeruzalemu irimburwa. Brw4/6

Naje nsanga Abayahudi kubaburira ko amategeko agenga imyitwarire bagenderagaho ntacyo azabamarira na gito, igihe iramukwa ryari imbere rizaba ryabagezeho, rikaboheera mu isi itabakunda. Biranditse mu ivanjiri imwe ko narize kubera kwiheba, ntewe agahinda n’uko nifuje guteraniriza hamwe abantu nk’imishwi mu gituzo

¹ Spiritual (*) Akanyenyeri kavuga ko ushobora kujya kureba igisobanuro cy’ijambo ry’ikinyarwanda mu “*Rutonde rw’amagambo amwe n’amwe asobanuye*” ruri ku mpera z’inyandiko.

² Concept (*)

³ Rationalization (*)

⁴ Mind (*)

⁵ Human (*)

⁶ Divine (*)

cy'inkokokazi, ngo mbarinde igihe bagombaga kurimbuka, ariko abantu bakanga kunyumva. Mu cyimbo cyabyo, abatware babo b'idini baranyishe. Brw4/7

None se Abayahudi bamaze gukwira imishwara, Hekaru yabo imaze kubamburwa, hari isomo bigeze bakura mu byababayeho? Bigeze bibaza impamvu ishyano nk'iryo ryabagwiririyeho? Oya, bakomeje imihango yabo gakondo no kwemera ko basumba abandi, n'ubwo incuro nyinshi amateka yaberetse ko na bo ibyago byabagwiriraga kimwe n'abandi bantu. Kugeza magingo aya, bahisemo kwirengagiza **UKURI KW'IMIBEREHO uko nakubigishije muri Palestina**, none barikururira ibimeze neza neza nk'ibyakurikiye ubuzima bwanjye ku isi muri Palestina. Brw4/8

Aho batuye hose, indangagaciro zabo z'irari ry'ibintu, umuco wabo wo kwihorera bikabije (**umutwe-ku-jisho**), ni byo bibakururira agahinda nya-muntu bagiye baremera abandi uko amasekuru yagiye asimburana, kubera ubwirasi n'irari ryabo. Ibyababayeho byose, ni bo babyikururiye. Brw4/9

Ibi kandi birareba n'abakurikirana inyungu z'akanya gato bakifatanya n'Abayahudi, kubera ko bafite ingufu z'amafaranga mu nzego zigenga imari n'amasoko ku isi. Ni nde utuma abenshi cyane mu batuye isi bicwa n'inzara, kandi hari ibiribwa bihunitse bihagije byo kugaburira abantu uko bikwiye, niba hari haretswe gukurikirana "inyungu nk'intego y'imibereho"? Babishatse, abayoboye iby'imari bashobora gushyiraho gahunda yo gusaranganya ibisagirane abatagira kivurira. Babigenje batyo, babona impuzahose yose ibasubizanya imigisha, ubukungu bw'isi bugasagamba, n'amahoro akaganza ku isi. Brw4/10

Mbere y'uko ibyo bibasha kuba, **ibyarangije kuremwa mu ibonunumva n'ibikorwa by'ihohotera n'urukozasoni, ku ISI YOSE**, bigomba kubanza guhinduka ubunararibonye nya-muntu bufatika – atari nk'ibihano, ahubwo ari nk'imikorere isanzwe y'**AMATEGEKO Y'IMIBEREHO**. Brw4/11

Mwemere ko ibihugu birwanya 'ikibi' gituruka ku bindi bihugu, biba biri kurwanya gusa ingaruka z' "imbuto z'ibonunumva n'ibikorwa" zabyo ubwabyo mu myaka yashize. Bityo rero, amayeri y'abantu b'ibisare, urugomo rukabije abanyengufu bagirira abanyanteye nke, hatitawe ku buryo abanyanteye nke bashobora kuba bagaragara nk'intagondwa, nta kindi ibi byose bishobora gukora usibye gukururira abanyarugomo ibihe byisumbuye by'amakuba. Aho bakomerekejwe gato cyane, barimo bararunda mu ibonunumva uburimbuke buzaza barimo batura ku bandi muri iki gihe. Nyamara bari bakwiye gufata kariya gakomere kanzinya bagiriwe n'abanyanteye nke nk'akarumbeti kababuriraga ko bari kunyerera bagwa mu budohoke bw'umutimanama. Brw4/12

Kubera ko abantu nk'abo bahora banyuranya n'**AMATEGEKO Y'IMIBEREHO**, bagakururira imijyi n'isi irimbuka ry'ingano itagereranywa, umugambi wanjye muri iyi Baruwu si uwo kubanyuriramo muri make ibyo nigishije kandi nabayeho muri Palestina gusa, ni n'uwo gushyira ahagaragara impamvu-mizi z'amage agiye kugwirira isi ntababwiye ubwo mperutse kuvugana n'inyokomuntu. Brw4/13

Aya MABARUWA yanditswe mbere y’igihe cy’amahina mu mateka yanyu, none igihe iramukwa rizaba ribagezeho nyirizina, muzibaza impamvu ntababuriye mbere. Brw4/14

Ariko, ngomba kubabwira ko mu myaka makumyabiri n’itanu ishize, nagerageje kuburira isi binyuze ku bantu bashobora kunyakira, ariko byaba ibitangazamakuru, inzu z’ibitabo cyangwa tereviziyo, nta na kimwe cyari cyiteguye gutega amatwi cyangwa kumpa umwanya wo kubavugisha nyuze ku bankorera. Brw4/15

Abanyapolitiki bashoboraga kubageraho – ariko jye, Kristu, sinabishoboraga kubera ubunangire bw’imitima yanyu no kwanga kwemera ko jye, Kristu muzima, nashoboraga kugaruka muri iki gihe nyuze mu mitwe y’abantu bipakuruye ibitekera kandi bakiyemeza, nzanywe no kuburira amahanga ku byerekeye ibyo yararimo yirempera bizagaragara mu bihe biri imbere. Brw4/16

Amakiliziya, avuga ko yemera ko ndiho, yihugiyeho mu mihango yayo bwite y’iyobokamana itekereje kimuntu nk’uko abatwawe n’ibintu na bo bihugiyeho. None ubwo isaha ya nyuma igeze, ubwoba bukaba bumaze gukwira mu mbaga, kandi bakaba biteguye guha agaciro amagambo yanjye, inzugi zigomba gukinguka nta kabuza, naho ubundi umuhate ngirira inyokomuntu nanone uzaba impfabusa. Brw4/17

Naje kuvuga ko hazabaho koko ivangura ry’ ‘ihene’ n’ ‘intama’ nk’uko Amavanjiri abivuga muri Bibiliya. ‘Intama’ bivuga izo roho zibasha kwakira mu mahoro ukuri nya-roho kw’ikirenga kwigeze kuvugwa kw’isi. ‘Ihene’ bivuga abadafite ubushobozi bwo kumva umuntu n’umwe cyangwa icyo ari cyo cyose, kubera ko bakabije kugira umwuka w’ubwigomeke n’irari rya jye-babona. Brw4/18

Kuki bazatandukanywa muri ibi bihe ? Bazatandukanywa kubera ko abazashobora kwakira ukuri kuri muri aya mapaji no kubaho bakurikije amabwiriza y’**Amategako agenga Imibereho**, bazabona ko, ugereranyije n’uko abandi bazaba babayeho, bo bazakomeza kubaho mu mahoro n’umutekano, babone ubukenure n’iterambere rya roho, n’ubwo ibihe bigiye kuza mu mateka y’isi bizaba bikarishye. ‘Ihene’ zo, birababaje, zizagomba kwirengera imbaraga ziteye ubwoba z’ibonunumva kamere ryazo ry’ubwigomeke. Brw4/19

Ibi NTABWO ari igihano giturutse ngo k’Uri Hejuru – ni imikorere isanzwe y’Itegeko rigenga Imibereho : - ibyo mugendana mu mitwe no mu mitima bizagera aho byigaragaze mu mubiri wanyu, mu buzima no mu bibakikije. Iyo unangiye umutima ukigomeka, ubuzima bugushyirira inzitizi mu nzira yo kugera ku byo wifuza. Brw4/20

Hashize igihe kinini narazamutse mu nkurikirane⁷ z'ikirenga z'umuvumero⁸ w'ibonunumva mu Ngoma z'Ijuru, none ndi Ibonunumva Nya-mana ubwaryo ryigize umwe wihariye. Ibonunumva ryanjye rishobora kuzenguruka isi ngana uwo ari we wese unyitabaje. Brw4/21

Ni ko biri ku Bigisha bakomeye bose babaye ku isi, bamurikiwe kandi bakabona UKURI kw'ISOKO y'IKIRIHO cyose, bakaba barigishije rubanda bahereye ku rwego ruhanitse rw'imurikirwa ryabo. Brw4/22

Bazamuwe mu Bubasha bwa roho ngo bashobore gucengera umubambikano uremereye upfukiranye ibonunumva nya-muntu, maze babone icy'ukuri kihishe inyuma y' 'ibifatika' – babonye, ku buryo bugaragara ukurikije uko ibitekerano bari basanganywe byabibemereraga, ubumwe bw'ibanze bw'ibyaremwe, imbere mu ngoma y'Uburemyi Nyirizina. Brw4/23

Buri umwe kandi bese, nyuma yo kwimukira mu rwego rukurikiyeho rw'imibereho, bashoboye gucika ingarukabihe yo kongera kwenda umubiri⁹, binjira mu ngoma zigenda zisumbura z'ibonunumva nya-roho ryihariye ritavangiye, kugera ku marembo y'**IBONUNUMVA MPUZAHOSE** Ubwaryo. Bahindutse **IBONUNUMVA NYA-MANA** ryihariye rifite ububasha n'ubushishozi bw'**Ibonunumva Nya-mana**. Brw4/24

Na bo bafite uruhare mu **IBONUNUMVA RYA KRISTU**, nk'uko nabivuze mw'Ibaruwa ibanziriza iyi. Bakomatanya ubushorishori bw'Ubwenge bwuje Urukundo n'ubushorishori bw'Urukundo rwuje Ubwenge, bakavanga Ububasha bw'Ubushake n'Ububasha bw'Umugambi. Ni abagabo icyarimwe n'abagore mu byifuzo byabo. Ni akarorero nta makemwa k'ingufu no gukuza. Brw4/25

Ni URUGERO ruhebuje rw'ibyo abagabo bese – n'abagore – bagombye guharanira kugeraho. Brw4/26

Kugirango igere kuri bene ubwo buziranenge bw'ukuba, roho nya-muntu igomba guhigika amacakubiri n'ihiganwa. Umuhanuzi wemera uwo ari we wese, ushobora kwizera ko ari UBUZIMA NYIRIZINA kandi ko afite amaboko mu Buvandimwe bw'Abigisha bakuru bese. Buri Muhanuzi, buri Mwigisha yabonye UKURI kumwe kandi abaho mu buzima bufite ireme rihagije ngo azabashe kugera ku ntego buri muntu agomba kugeraho – ubuziranenge muri Paradizo. Brw4/27

Ni ngombwa mu buzima bwanyu ko mubasha kumva ibi, maze mukabona neza ko amacakubiri mushyira hagati y'Abarimu banyu ari amateshwa, kubera ko twese turi umwe ku **ISOKO Y'UKUBA** dusangiye. Turi **Uvuvandimwe bw'Ibiriho by'Ubuzima**, buri wese agaragaza mu mwihariko we **UKURI** kw'ikirenga kw'**ISOKO** yacu y'**UKUBA**. Brw4/28

⁷ frequencies

⁸ vibration

⁹ Treadmill of re-incarnation (*)

Turareshya mu bumanzi, mu bubasha, mu bwiza, mu bukure bwa roho, no mu rukundo. Brw4/29

Kubera ibyo, 'intama' muri buri myemerere y'iyobokamana, – abashoboye gutera imbere bihagije mu myumvire nyaroho y'ubumwe remezo Ku ISOKO Y'UKUBA yanyu –, mwagombye gushakisha bwangu uko mwakunga ubumwe mu buvandimwe bw'abareshya mu mijyi n'ibihugu byanyu, mukegera abavandimwe banyu ba roho bo ku isi yose, mutitaye ku birimo biba mu bibakikije. Mwagombye kurenga ibitandukanya amadini byose, Ubukirisitu, Ubwislamu, Ubusufi, Ubuyahudi, Ubwisraheli, Ubunyapalestina, Ubuhindu, Ububuda, n'ibindi, mukibona nk'abari ku buryo bureshya mu ijuru ritekanye ry'Urukundo Mpuzahose, n'Uburengezi Mpuzahose bwuje Ubwenge – mu mahoro muri mwe ubwanyu, hagati y'umuntu n'undi no hagati yanyu n'abandi bose biyemeje kurwana kugeza ku ndunduro. Brw4/30

NI BWO BURYO BWONYINE ISI YANYU IZAROKOKA AMAHANO ABATEGEREJE. Brw4/31

Nagarutse kandi kubera abo bose batari Abayisiramu ntibabe Abakiristu, batari Ababuda ntibabe Abahindu. Naje nsanga abifuza, nako abafite inyota yo kumenya ***Ikirukuri***¹⁰ inyuma y'imibereho yose. Brw4/32

Nababwiye ko naje - mu isura ya Yezu – mu Bayahudi muri Palestina. Nashoboraga rwose no kubabwira ko naje nsanga Abarabu mu isura ya Muhamadi, kubera ko Muhamadi nanjye duhuje umwuka. Brw4/33

Kudutandukanya mu masura afite amazina anyuranye – **Yezu na Muhamadi**, cyangwa **Muhamadi na Yezu** – ni kimwe no guha impanga zisa amazina atandukanye kubera ko umwe yigisha ubuvanganzo undi akigisha imibare. Brw4/34

Twembi turi ab'**IBONUNUMVA RYA KRISTU**, twembi turi ukwigira umwe wihariye kw'**IBONUNUMVA NYA-MANA**. Brw4/35

Turi ku isi twembi twavuze ibyerekeye Imana y'Urukundo n'Imbabazi dukurikije uburyo ubumuntu bwacu bwatwemereraga gushyikira ubumenyi Imana yaduhuhagamo. Brw4/36

Mugomba guhora mwibuka ko twembi twari ibiremnamuntu byatekewemo ibyemerwa karande twarazwe uko ibihe byagiye bisimburana. Bityo rero guhumekerwamo kwacu kwanyuze mu mitwe yuzuye ibindi bitekerezo. Brw4/37

Nk'uko nabibabwiye mbere, guhumekerwamo, - usibye iyo binyujijwe muri gatekerezi isukuye, yunyugujwemo ibitekerano-, iteka byifureba amabara y'ibitekerezo bikomeweho, bituruka mu gutekerwamo umuntu akiri umwana muto. Gatekerezi, yongera gufata iya mbere iyo umuvumba w'ihumekerwamo uhagaze, itangira gusobanura ubumenyi n'imyumvire bishya mu magambo asanzwe yemewe na gatekerezi nya-muntu. Brw4/38

¹⁰ Reality (*)

Ariko, nk’uko nabibabwiye, nari icyigomeke uroye kuva ubuzima bwanjye bugitangira, kandi sinashoboraga kwakira ibyemerwa bya Kiyahudi. Nari umuyoboro usukuye, ufite inyota yo kwakira, urangwa n’ubwenge bufunguye, **UKURI kw’IMIBEREHO** kwashoboye gusukwamo mu butayu, bikanshoboza kubona ku buryo busobanutse **IBONUNUMVA MPUZAHOSE**. Brw4/39

Ubu imyumvire yacu igeze ku rwego rusumba izindi kure – duhwanyije UBWENGE, UBUZIMA n’URUKUNDO, turifuza kimwe gushyikira Abayisiramu, Abayahudi, Abakirisitu, Ababuda n’abandi bose, abatemera Imana n’abavuga ko batazi niba ibaho. Brw4/40

Impamvu imwe yonyine ituma tubahuruza, ni ukugira ngo tubazanire imibonere mpumekerwamo ihindura imitima, ngo izabashoboze kwemera ubuvandimwe shingiro bubahuza kuri roho, tubashishikarize gutekereza ibitekerezo bishya, kubana mu mahoro barangwa n’umutima ubabarira, hanyuma bakabaho ukundi, bakura **URUMURI ku ISOKO yabo Y’UKUBA**. Brw4/41

Turifuza kubabwira twembi ibyerekeye IBONUNUMVA MPUZAHOSE, mwe muba muri ibi bihe byateye imbere mu bumenyi, kubera ko mwageze kure mu myumvire ya gihanga, none mukaba mushobora kwakira ibyo twembi dufite kuvuga. Brw4/42

Twese hamwe turavugira rimwe – mubyiteho, mwumve : TWEBWE – namwe muri ku isi – turi umwe mu mizi nyirizina y’ukuba kwacu. Brw4/43

Iyo murimo murimbura abandi, namwe muba mutiretse. Brw4/44

Jye – TWE – tugomba kumvikanisha ko Twaje dusanga abantu bashyira mu gaciro, bafite ubushake n’umutima mwiza, tutitaye ku bwoko bwabo cyangwa idini ryabo. **Turabahobera, turabakunda, tukabafubika mwese mu gishura cy’ibonunumva ryacu ry’uburengezi n’umutekano.** Brw4/45

Tuzi ibibazo mufite ku isi muri iki gihe. Brw4/46

Tuzi amakimbirane amaze imyaka amagana n’amagana ari hagati y’idini ry’Abayahudi n’iry’Abayisiramu. Brw4/47

Ariko ayo makimbirane ntaho ahuriye naTWE. Ayo mapfabusa yanyu ntutuyitaho. Kuki mwazambya ibyiza byanyu, amahirwe yanyu mu gihe kizaza, murwana mupfa ibitekerezo bimwe na bimwe bitagize icyo bivuze, rero bidafite agaciro ? Mu by’ukuri muyoboka idini mwahisemo kubera ko, mu ndiba z’imitima yanyu mwese, muba mushakisha **ISOKO Y’UKUBA KWANYU**, n’ubwo iyo **SOKO Y’UKUBA** muyita amazina anyuranye. Brw4/48

Twembi tuzi neza intambara Abayahudi bamwe barwana ku giti cyabo ngo babeho ‘ubuzima bwiza’, intambara Abayisiramu bamwe barwana ku giti cyabo ngo bunamire by’ukuri kandi baramye Allah umunsi wose, bavuga ko ibyo bakora n’ibyo bageraho byose ari ububasha bwe babikesha, n’Abakirisitu binamye mu byemerwa byabo by’Ugucungurwa n’amaraso ya Yezu – mwese murahatanira kugera ku “buntu¹¹”, ariko

¹¹ goodness

ntabwo muzabugeraho igihe cyose muzaba mugitatanyijwe n'ibyemerwa byanyu. Brw4/49

Umuhengeri uterwa n'ibonunumva ry'isi ya none rirangwa no guhangana numara kurangira – nta kabuza umunsi uzagera Abayisiramu, Abayahudi, Abakirisitu, Ababuda n'Abahindu bateranire hamwe, bitarure ibibatandukanya mu byemerwa by'amadini, bivange babe nk'umuryango umwe, kugira ngo bashimire **IBONUNUMVA NYA-MANA** bakomoyeho ukuba kwabo, kandi rizaturukaho imigisha yose itagira imbibi y'ubuzima bwiza, buhumekekemo kandi bwita kuri bose. Brw4/50

Mufatanyije muzongera mwubakire ku misingi ya kera maze mugire muti: 'Ikintu nk'iki ntikizongere kubaho hagati y'abantu ukundi, kuko ubu tumenye ko mu mizi y'imibereho yacu turi umwe bidashidikanywa. Iyo nkubabaje, nanjye **Ubuzima Nya-mana** buracyendera muri jye, ububabare bwanjye nanjye bukazakurikiraho. **TWEBWE**, kimwe n'**UBUVANDIMWE** mu **IBONUNUMVA RYA KRISTU**, tuzirikana kandi byuzuye Ababuda, Abahindu, abakurikira Tawo, abayoboze bo muri Filipina, na buri gatsiko kandi k'abasenga, n'indi nzira nyobokamana muri buri gihugu, igamije kugera no gukabakaba, n'iyi byaba akanya gato, uburinganire bw'**ISOKO MPUZAHOSE Y'UKUBA** yabo. Brw4/51

Tuzirikana BOSE. MURabumbatiwe mwese mu Rukundo Mpuzahose rwacu, Impuhwe n'Ubukenuzi. Mwese muri ab'agaciro gakomeye kuri twe, tutitaye ku byemerwa byanyu, kuko mwese muri UMWE mu mizi y'ukuba kwanyu – roho zanyu zibumbiye mu Ibonunumva Nya-mana. Brw4/52

Buri umwe kandi MWESE, mubumbiye hamwe kandi muri umwe ku rwego rwa roho mu ISOKO Y'UKUBA yanyu. Brw4/53

Uramutse ufashe mu kiganza cyawe igitonyanga cy'imvura, wavuga ko kubera ko ako gatonyanga k'imvura kaguye mu kiganza CYAWE, kandi kubera ko katandukanye n'imvura irimo igwa ku butaka, ko ako gatonyanga gatandukanye n'indi mvura irimo kugwa impande zawe mu "mimerere", mu butabire¹², mu buziranenge cyangwa mu ngufu? Brw4/54

Ushobora no gukoza kuri ako gatonyanga irangi ry'icyatsi kibisi, ukagahindura icyatsi kibisi; none se wavuga ko ako gatonyanga k'icyatsi kibisi gatandukanye burundu n'imvura irimo igwa muri ako kanya nyirizina? Brw4/55

Mwebwe mushyira mu gaciro, mufite ubushake n'umutima mwiza, mutaryarya kandi muri abanyakuri, mushobora gusubiza muti – oya, imvura ntitandukanye. Ni kimwe mu mimerere neza neza nk'imvura isigaye; ikinyuranyo cyonyine, nuko ibara ry'icyatsi, umutuku, cyangwa ubururu ryongewemo. Bityo rero, hari icyo karushije imvura irimo kutugwa iruhande, ariko agatonyanga k'imvura mu kiganza cyanjye kameze **mu by'ibanze** kimwe n'imvura. Brw4/56

Buri wese muri mwe, hatitawe ku wo uri we, ku ibara ry'uruhu waba ufite, ku bwoko bw'imisatsi itatse umutwe wawe ikawukingira izuba, ku iforoma y'umutwe wawe cyangwa umubiri, ku rurimi uvuga, ku bitekerezo ufite, ku bwoko bw'amagambo

¹² Chemical composition

ukoresha, ku bikorwa n'ibigwi byawe bituruka ku byemerwa n'ibitekerezo byawe – hatitawe ku BUDASA bwanyu BW'IMIBIRI N'UBWIBONUNUMVA NYA-MUNTU – MWESE mumeze neza neza kimwe umwe ku wundi, mufite agaciro kamwe, mwakomotse ku **ISOKO** imwe **Y'UKUBA**, mufite ububasha bumwe mu bwangambibi¹³, ubushobozi nya-roho bumwe muri byose, mu bwangambibi. Brw4/57

Itandukanirizo rukumbi hagati yanyu, Abayisiramu b'Abarabu, Abayahudi b'Abarusi, Abakirisitu b'Abanyamerika, Ababuda bo muri Tibet, Abahindu bo mu Buhinde, ni inyongera z'akoko (inkomoko) kuri buri wese, zituruka ku gisekuru, ku bwoko, ku bibakikije, ku burere mwahawe n'ababyeyi, ku mutungo wabo muke cyangwa utubutse, amashuri cyangwa ibyakubayeho mu buzima. Brw4/58

ARIKO – ibyo BYOSE ni ibigaragara hejuru. Ni inyongera zihisha **Ikirukuri** ari cyo roho yawe, nk'uko ibara rihisha ukuri kw'igitonyanga mu kiganza cyawe. Roho yawe ituruka ku **Ibonunumva Nya-mana** igakomeza kuba yo bwite, isugi itagira inenge, kandi yunze ubumwe mu **Ibonunumva Nya-mana** n'izindi roho zose, utitaye ku nyongera zayitwikiriye zikanayimunga kuva mu mavuko. Brw4/59

Mugomba kandi kumva ko buri wese avukana ubushobozi butandukanye bwa **kimuntu** bwo gukoresha inyongera mwatewemo muvuka. Ubushobozi nya-muntu buri roho izakoresha buturuka mu iterambere nya-roho yabashije kugeraho mu buzima bwagiye bubanziriza ubw'ubu. Brw4/60

Hari bamwe bazamuka bava mu kuzimu kw'ibyago, imihangayiko n'akangaratete bakagera mu bushorishori bwo kwiringirwa no kubahwa, bityo bakagira ububasha ku bandi – hari n'abandi bahanantuka bava mu bushorishori buteye isereri bw'amahirwe, ubukire, uduhenge¹⁴ n'impano, bakagwa mu kuzimu kutagira urumuri ko kwiheba no kwibura, kunywa ibiyobyabwenge, guhitora, gufata ku ngufu n'ibindi bisa n'ibyo. Brw4/61

Nyamara, ibyo mwaba mwarakoresheje byose – cyangwa mutakoresheje – amahirwe mwabonye cyangwa mutabonye, mu by'ibanze kandi mu ndiba mwese mukomeza kugira 'ukuba' n'ubushobozi bimwe. MWESE mufite ubushobozi bwo kuzamuka gahoro gahoro muturuka ku rwego nya-roho rw'ibonunumva urwo ari rwo rwose mwaba muriho magingo aya, mukagera ku bushorishori bw'**IBONUNUMVA NYA-MANA** mu Ngoma z'Ijuru. Brw4/62

Uko muzagenda mwakira aya **Mabaruwa** nk'**UKURI KW'IMIBEREHO**, kandi mukagerageza buri muni kubaho mukurikije imirongo iyobora buri wese muri mwe mu busabane no gushyikirana n'**ICYABAHAYE UKUBA** – muzagana nta kabuza kandi mugere ku ntego nya-roho zihanitse mwihaye muri iki gihe. Brw4/63

Mushobora mwese kuzamuka mukagera aho mwakira **UKURI** byuzuye, mukihatira gusukura ibonunumva bwite kugira ngo mushobore kugotomera **IBONUNUMVA NYA-MANA**, maze muhinduke abantu basenderewe n'**Ububasha bw'Ibonunumva**

¹³ Infinity

¹⁴ opportunity

Nya-mana, kandi baburasiriza ku bibakikije, bikazarangira mubugabye mu isi yose. Brw4/64

MWESE Muri ingirakamaro aho muri. Brw4/65

Umubyeyi ubona ko ibyo akorera umuryango byose nta na kimwe gishimwa, ubona ko nta cyo akora ngo kigaragare mu buzima bw’umuryango, ubona ko batamwumva, ko atubashywe, ko adakunzwe, ubona ko hanze y’umuryango we cyangwa ku kazi ke nta kamaro afite, ko ntawe uzamukenera, aba abuze ubushishozi. Uwo muntu yaba umugabo, yaba umugore, yaba umubyeyi, yaba inshuti, yaba umukozi, yaba umukoresha, bese bafitiye akamaro ibibakikije. Ubavanyeho, haba icyuho mu miterere y’ibibakikije, haba igihombo, kandi byafata igihe cyo kuzibisha icyo cyuho ukuza kw’undi muntu n’imirimo mishya y’abasigaye. Brw4/66

Umunyamaboko n’Ijwi bisumba ibindi, Umugiraneza kimwe n’umukozi woroheje ukubura ubutaka cyangwa uduhanda tw’ubusitani, bese basiga icyuho. Buri wese afite umwanya wihariye mu bimukikije. Buri wese azana impano ye, amatwara ye, uburyo bwite bwo gukora ibintu, uburyo bwite bwo gukora ku bantu bavugana no gutera ibara aho baba cyangwa bakora. Bafite akamaro ndasimburwa mu kibanza bubatsemo. Brw4/67

Ntawe ushobora kwambura umuntu akamaro ke, kereka nyirubwite iyo yiyambuye ubwe agaciro ke. Brw4/68

Ndetse n’abavukanye ubumuga – baba bagifite umwanya wihariye ufite agaciro mu muryango, mu bibakikije. Rimwe na rimwe bagira umwanya w’akamaro uruta uwo bari kugira iyo bavuka buzuye nta nenge. Ibigwi byabo biratangaza bikabahesha icyubahiro. Brw4/69

Umumaro bagirira aho bari uturuka ijana ku ijana ku bushake bwabo bwo kuba, ubushake bwabo bwo gukora, ubushake bwabo bwo kubengerana ubugiraneza, ubushake bwabo bwo kubyaza umusaruro uhanitse uduhenge bafite, ubushake bwabo bwo kubera abandi agatangaza bakora ku buryo abo bandi bagubwa neza kurusha uko bari bameze batarahura. Brw4/70

Imimerere iyo ari yo yose ituruka ku BUSHAKE bukoreshwa igihe cyose. Brw4/71

Bamwe bavukanye ingufu z’ubushake nyinshi, abandi bavukana nke, ariko iyo umuntu amaze kumva neza ko **INGUFU** zose **Z’UBUSHAKE** zakuwe mu **IBONUNUMVA MPUZAHOSE**, kandi ko **INGUFU Z’UBUSHAKE** zishobora kongerwa umuntu yiyambaje **ISOKO Y’UKUBA** ngo imwongerere ingufu z’ubushake, umuntu ahita atangira kumva ko burya ingufu z’ubushake zitagira iherezo. Zishobora gukomorwa ku **IBONUNUMVA MPUZAHOSE** ubwaryo, hakurikijwe ubugari n’imbaraga by’ukwemera kw’umuntu. Brw4/72

Buri muntu wese, buri gitsina, buri bwoko, buri gihugu, buri dini, buri rwego rw’umutungo cyangwa umushahara, guhera ku mukene kugera ku mwami, bafite akamaro kareshya mu gihe cya NONAHA, mu gihe cy’umunsi uciye ikibu. Brw4/73

Ibinyuranyo nyabyo bikomoka gusa mu cyo buri muntu yitangaho muri uno mwanya, mu mwanya ukurikiyeho no mu gice gisigaye cy’umunsi. Brw4/74

Umwami cyangwa Minisitiri w'Intebe ashobora kwibukwa kubera ineza ye, inyungu yazaniye igihugu cye, cyangwa kubera amagorwa yagushije ku baturage. Ni kimwe n'umugabo wavutse mu muryango w'abakene, utarabashije guteza imbere ubushobozi bwe ku rwego urwo ari rwo rwose, **ariko witanze wese mu gukorera neza aho yari ari**, bikazarangira ashimwe n'umuryango we n'inshuti ze – kandi mu buzima bukurikira akazasarura ibyo yabibye, nk'Umwami cyangwa Minisitiri w'Intebe. Brw4/75

Umuntu nk'uwo azaba yarahaye aho atuye 'ubuzima' nk'umusanzu, kubera ko kamere y'imbaraga z'ubuzima ari urukundo rutagira ikigombero n'ubugiraneza, umurimo n'ubusabane, gutanga icyo ari cyo cyose ngombwa ngo ibyo undi akeneye byuzuzwe. Brw4/76

Niba, buri muni, imbaraga zawe z'ubuzima uzitanga gusa mu guhereza abarwayi agakombe k'icyayi, kora ku buryo izo imbaraga zawe z'ubuzima uzitanga mu iforoma yazo isumba izindi: nk'ubushake bwuje ubwuzu bwo kugana umurwayi n'inseko isusurutse, ukamuherezanya icyayi ubwitonzi n'akanyamuneza kandi umwifuriza gukira. Kuri ubwo buryo, umutanga-cyayi ashobora guhinduka inzira yo gukira no kuzamuka. Brw4/77

Uko umuhereza w'icyayi arushaho guhamagara bucece kenshi umuvumba w'**IBONUNUMVA NYA-MANA** mu ibonunumva rye bwite, ni ko imbaraga ze z'ubuzima zoherezwa ku murwayi zizarushaho kuba nyinshi no gucengera. Umurwayi ashobora kutamenya ibirimo biba, ariko icyumba cy'abarwayi kitabwaho n'uwo muherezacyayi, cyangwa umuntu wita ku barwayi umeze atyo, kizakira vuba kurusha abaherezwa icyayi n'umuntu utabareba n'irihumye, nta jambo na rimwe ababwiye, nta n'igitekerezo cy'ineza. Brw4/78

Oya, buri murimo, buri mwanya, ushobora kuba mutagatifu na mwiza, ukabengerana ingufu z'ubuzima z'**IBONUNUMVA NYA-MANA** rikuzura rikavura umuntu ku giti cye hamwe n'abandi, iyo umuntu afashe igihe cyo kubona ko ari umuyoboro w'**IBONUNUMVA NYA-MANA** rikiza byose, rikarengera byose, rikuzuriza umuntu icyo akeneye cyose. Brw4/79

Umuntu umwe ufite iyo myumvire, n'iyi yaba wawundi ukoropa akanasukura ibyo abarwayi bitumamo, ashobora kwinjira mu cyumba akaba umutanga-neza ubirusha abandi – ugasanga yenda ari na we mutanga-neza wenyine uri aho – mu bantu batandatu batanga ibyo abarwayi bitumamo. Umuntu nk'uwo ashobora gusiga muri buri murwayi umurage w'imbaraga zisumbuye. **Utekereza wese ko mu ndoro ye harimo imbaraga z'ubuzima ahereza abo yerekejeho ijisho rye, ashobora kumenya ko indoro ye, iryo jisho rye ricengera, iyo mirebere iseka, yagiriye akamaro uwayakiriye.** Brw4/80

Kuko buri kintu dutekereje kandi dukoze,– yego, mwebwe **nanjye, KRISTU**,-ari igikorwa cy'ibonunumva – kandi ibonunumva ni imbaraga z'ubuzima. Tubigirishije ubukozi bwa gatekerezi zacu, izanyu **n'inyanjye**, dutegesha ibonunumva ryacu, imbaraga zacu z'ubuzima, amaforoma anyuranye azabera umugisha cyangwa umuvumo ibidukikije. Brw4/81

Itandukanirizo ryonyine hagati yanyu na Muhamadi nanjye ubwanjye uzwi ku isi nka Yezu, ni ubwoko bw'igitekerezo n'imyiyumvire Muhamadi nanjye twoheraza ku bandi. Twembi twoherereza isi imbaraga z'ibonunumva ritanga ubuzima. Brw4/82

Ni iki murimo mwoherereza isi yanyu? Brw4/83

Nimwongere mwibuke ukuntu, mu gihe cy'imihangayiko ikomeye igihe nari muri Palestina, navumye igiti cy'umutini, kirumagara kugera mu mizi. Bidatinze nyuma y'aho, nanjye navumaguwe n'abasirikare b'Abanyaroma kimwe n'abaherezabitambo b'Abayahudi. Nanjye narumagaye kugeza mu mizi mbere yo gupfira ku musaraba. Mujye mwitondera ibyo muhera abandi, mujye mubanza mwibaze niba ari byo namwe mwakwifuzza kuronka. Brw4/84

Igikombe cy'amazi gitanganywe urukundo gishobora kubera umugisha no guhembura uwo gihawe, cyangwa niba gitanganywe umushiha, kikaba cyatuma ugihawe yumva asuzuguritse, ari nta n'akamaro afite – akumva arushijeho gucika intege no gusuhurwa. Brw4/85

Wowe se umariye iki abagukikije? Ese urubahwa, ugashimirwa kubera urukundo n'umutima mwiza werekana iyo ukojeje ikirenge aho ukorera? Waba se wararabutswe icy'ingenzi nyakuri mu buzima? Brw4/86

Waba se warihaye, ku rwego rwa roho, umugambi cyangwa intego ugomba kugeraho mbere y'uko utambuka ukajya mu rwego rwiza rukurikiyeho? Brw4/87

Ese uzaba usukuye bihagije kandi uhugukiye gukunda bitagira ikigombero kugirango winjire mu nzego zisumbuye z'ibonunumva nya-roho, cyangwa intego zawe zizaba zikiri izo ku rwego rwanyu rw'isi? Brw4/88

Ibaze wowe ubwawe: urifuzza, mu by'ukuri, gukina uwuhe mukino mu bigukikije? Urerekeza he mu rwego rwa roho? Brw4/89

Ikindi cy'ingenzi nk'icyo: ni iyihe myifatire ugaragariza abandi bantu – gusuzugura no kwironda – cyangwa kubona unumva ko abenshi bakora uko bashoboye mu mpano izo ari zo zose bafite? Brw4/90

Kugira ngo mugere ku bushobozi bwanyu bwuzuye, mugomba kumenya ko urwego murimo cyangwa ubukire mufite bidashobora kuzitira ububasha mufite ku isi. Ibishobora kubazitira byonyine ni imyifatire yanyu n'ibitekerezo bituruka kuri iyo myifatire. Brw4/91

Umurego w'ubuzima uturuka muri gatekerezi y'umwami, minisitiri w'intebe, umugaba w'ingabo, cyangwa umukozi woroheje, umusirikare, unganya imbaraga no gutanga icyiza mu bibakikije, buri wese muri bo apfa gushyira ku murongo ibitekerezo bye, kugira ngo bishyikirane n'inkurikirane nya-roho z'urukundo rutagira ikigombero n'Ibonunumva Nya-mana. Byongeye, bene ibyo bitekerezo byinjira mu murego nyirizina w'ibonunumva ry'isi bikawutiza umurindi. Buri muntu wongera igitekerezo cye nya-roho ku gitekerezo nya-roho cy'isi acyongerera imbaraga. Brw4/92

Kimwe cyonyine kigena urugero umuntu ahabwaho guhengamira ku buziramuze cyangwa ku burwayi, ni urwego rwo kwirema, n’imyumvire nya-roho uwo muntu yakuye ku **ISOKO Y’UKUBA**. Brw4/93

Bityo rero, umuntu ukuraho imyanda mu mihana imukikije afite umutima mwiza no kwifuriza ineza uwo ahuye na we wese, aba ari urumuri rwaka rumurikira aho aba; naho umukire w’umunyamushiha ufite imitungo akirirwa ahiga amafaranga, usohoka mu muturirwa we agiye ku biro, ni iriba ry’umwijima wumvwa bujyarupfu¹⁵ n’abigerezaho bakamwegera. Brw4/94

Hatitawe ku byo mukora, ku byo mutunze, ku mwanya mufite mu buzima, ubushobozi bwanyu bwo gukura mu kugira neza nta mupaka bufite. Ubushobozi bw’ubukure n’ubw’ikuzo ry’ukuba kwanyu nta mupaka bufite. Uruzitiro rwanyu rwonyine, ni ingano y’igihe n’imbaraga mwiteguye guharira kuzirikana ibyerekeye **ISOKO** yanyu **y’UKUBA**, no gufungurira ibonunumva ryanyu nya-muntu kwinjira muri **Yo** no ku**Ya**kira muri gatekerezi yanyu. Brw4/95

Bityo rero, bayobozi b’amadini, nimwubahe amakoraniro yanyu, kubera ko mutazi ubushishozi n’iterambere rya roho biri gushyika mu mitwe y’abashobora kuba bagaragara nk’abaciye bugufi cyane, kandi nta gihagararo bafite mu muryango. Brw4/96

Bayobozi b’amadini, nimurekere aho kujora andi madini, kuko mutazi uburebure bw’ubumenyi nya-roho, ubushishozi n’imurikirwa abayoboze bayo bashobora kuba baragezeho. Brw4/97

Bayobozi b’amadini, mumenye ko namwe, ubwanyu, iterambere ryanyu mu bya roho rireshya uko imibonere bwite yanyu y’**Ukuri** ireshya. Brw4/98

Niba nta mibonere mufite y’ikihishe hejuru y’umubambikano w’isi yanyu y’ibifatika – mushobora kuba muri abanyamadini ariko nta bonunumva nya-roho mufite. Brw4/99

Dore icyiza cy’agahebuzo, igikwiye guharanirwa nyakuri, intego isumba izindi – kumva no gukorakora *Ikirukuri* kiri inyuma, na mo imbere, mu bintu byose kikabiha ubuzima gatozi. Brw4/100

Ikirukuri mushobora kukita – Imana, Allah, Yehova, Ubwenge butagira imbibi, Gatekerezi Nya-mana, cyangwa Ibonunumva Nya-mana, cyangwa Tao. Ayo mazina yose asobanura ISOKO yanyu y’UKUBA – INKOMOKO yanyu IHANGA. Brw4/101

NTIMUSHOBORA KUGIRA IGIKWIYE GUHARANIRWA KIRENZE IKI – kumva no gukorakora *Ikirukuri* kiri inyuma, na mo imbere, mu bintu byose – kigatanga, kigakomeza kandi kigashyigikira buri kinyabuzima cyose cyihariye. Brw4/102

Ngiyo intego mweretswe na buri Mwigisha wamurikiwe waje ku isi. Brw4/103

¹⁵ Negatively (*)

Bose bari basangiye imibonere imwe, imyiremere¹⁶ imwe n’imyumvire imwe. Bene abo Bigisha bahabwaga agaciro kanini, ariko bake mu bayoboke babo ni bo bumvise ibyo barimo bigishwa. Buri muntu yongeye imyumvire ye bwite ku magambo y’Umwigisha. Imyumvire ya buri muntu yaturukaga ku bitekerano no kubogama yari asanganywe. Brw4/104

Mu buzima bwanyu bwite, mujye muhora mwibuka ko ibitekerezo byanyu, amagambo, ibikorwa, bidafite gusa ingaruka ku buzima bwanyu buzaza, ahubwo binazifite ku bantu muhura igihe icyo ari cyo cyose. Brw4/105

Waba umukoresha cyangwa umukozi, wowe ku giti cyawe wagize uruhe ruhare ku migendekere myiza y’ikigo ukuramo umugati wawe wa buri muni – cyaba uruganda, icyanya cy’ubuhinzi-bworozi, amangazini cyangwa ibiro? Ni iki uha abakozi bawe cyangwa abo mukorana ku rwego rw’imibereho myiza no kumererwa neza? Ni iki ukorera inyubako yose? Brw4/106

Mushobora kumbaza mutangaye muti “Icyo nkorera inyubako”? Brw4/107

Ariko ndasubiramo – mukorera iki umuturirwa wanyu, imodoka zanyu, ikigo cyanyu cyose? Byose, amatafari, icyondo, ubutare, ibirahuri, ibyuma, imipira y’imodoka, moteri na risansi, byose bicengerwa n’ibonunumva ribasohokamo uko mugenda mwita ku nduruburi zanyu za buri muni. Ni yo mpamvu abantu bamwe basiga umuhora w’amatongo inyuma yabo, kubera ko bafite ibonunumva rizira urwenya, rihora rirakaye, rijora, risenya, hakaba n’abandi bakomeza imitungo yabo uko yakabaye kandi isa nk’aho ari mishya imyaka myinshi kubera ko bayishimira bakayikundwakaza buri muni. Brw4/108

Buri kintu ku isi yanyu ni imbaraga z’ibonunumva zigaragaza – byaba mu muhito w’igikomeye’ kitayega cyangwa uwa serumu ifite ubuzima. Mukoresheje ibitekerezo byanyu, mugaburira cyangwa mukarimbura icyo ari cyo cyose mu bibakikije. Brw4/109

Ni iki ukorera umuryango wawe, urugo rwawe n’aho uba? Brw4/110

Uritotomba, ugasebya, ufite ibitekerezo bya kimbuzi mu byerekeye akazi kawe cyangwa abandi bantu? Umenye ko uri gusiga inyuma yawe umuhora w’ibonunumva risenya rifasha kumunga icyo ryinjijemo cyose rikakineta. Brw4/111

Niba mwibanda ku cyifuzo cyo gukunda, kwemera, gukorana ibyishimo mu mitima yanyu, aho muzajya hose muzakwirakwiza ibonunumva ry’ingufu, umugisha n’uburumbuke. Brw4/112

Igihe nari ku isi muri Palestina, nari mpanganye n’Abayahudi b’intagondwa bemeraga kandi bagashyira imbere amabwiriza y’imyitwarire agagaye ku buryo yahanaga imbibi n’ubugome; amategeko karande yabo yarakumiraga, agakandamiza, akazitira, akwiye urw’amenyo. Nazaniye abo bantu imibonere mishya ya “Data” ihoraho yari ibarenze - nyamara ikanaba hose – ibona neza buri gihe ibyo bakeneye, kandi ifite urukundo

¹⁶ Realization (*)

mpuzahose, ku buryo bashoboraga kwizera ko buri gihe bwari **'Ubushake bwa Data'** kubuzuriza ibyo bakeneye. Brw4/113

Nabwiraga abantu kwitegereza impande zabo, ngo barebe mu giturage, mu misozi aho intama n'ihene zarishaga mu mutuzo, ibiyaga byari byuzuye amafi, inyoni zagurukaga mu kirere n'ibiti zaruhukiragamo zikarikamo, indabo zitatse amabara yose. Nkababwira nti: 'Nimurebe – mwumve ibyo muri kubona. Murimo murabona isi aho ibirimo byose bifite buri kintu icyo gikeneye, kandi buri kintu kigahazwa mu byo gikeneye. Mwe kubera iki mwashidikanya mubona intama zitunzwe n'ubwatsi gusa? Ubwatsi burimo iki gituma bugaburira ubwoya, amagufa, amaraso n'inyama hanyuma bukabyara abana b'intama? Ubwo ntimurimo mwirebera igitangaza cyo kuzuriza ibikenewe? Nimurebe uburyo inyoni ziri kuzurizwa ibyo zikeneye ku buryo bw'agatangaza. Zifite aho zikinga mu biti, zigakura imbaraga mu mbuto. Naho ku bantu bakeneye amazu, ibiryo n'imyenda, **'Data'** yabahaye isi yose kugira ngo bihaze mu byo bakeneye. Brw4/114

Muhamadi, amaze kumurikirwa, yabonye iyo Roho mpuzahose ituye mu byo yaremye – ibaho muri byose kandi ikabikoramo. **Twebwe – Muhamadi nanjye** – twabwiye bagenzi bacu dusangiye ubwengehugu **Ukuri** kumwe guhumekekemo kandi tubabaza ibibazo bisa. 'Ese iyo menyabyose **'Data' – Allah – Ibonnumva Nya-mana** –, ntizi n'ibikenerwa byanyu birusha ibindi uburemere – ibikenerwa by'urukundo, ubuziramuze n'uburumbuke? Ibyo se mwabishidikanyaho mute? Mugire ukwemera gusa, maze ibikenerwa byanyu bizuzuzwe hakurikijwe ukwemera kwanyu'. Ubwemeragato bwanyu ni bwo buca intege umuvumba kamere w'**Urukundo 'Data' – 'Allah'** – mu mibiri, imibanire n'ubuzima byanyu. Brw4/115

Kenshi cyane mu kwiheba, igihe nari ku isi nitwa Yezu, nariyamiriraga nti 'Yiba nashoboraga kubabwira, kubereka no kubatera kubona ukuntu **'Data'** izi ibyo mukeneye. Yiba nashoboraga kubereka ukuntu mwebwe, mwebwe ubwanyu, mutanga umuganda mu kubaka ejo hanyu hazaza, n'ejo hazaza h'ababakikije bose. Yiba byonyine nashoboraga kubafasha kubona ko mu by'ukuri musarura uko mwabibye! Yiba byonyine mwashoboraga kubona **ukuri kw'imibereho** uko nakubonye mu butayu muri Palestina! Ubwo ni bwo mwamenya ko ibitekerezo n'ibikorwa byanyu bikura mu bunini no mu ngufu, umunsi ku wundi, bigafata imisusire igaragara, neza neza nk'uko imbuto z'ibimera zinjira mu butaka zigakura, zigafata imisusire y'ibigaragara igenda yiyongera mu bihimba, amababi n'imbutu, umunsi ku wundi. Brw4/116

'Yiba nashoboraga kubereka ukuntu muri ingenzi buri segonda ry'umunsi, mu myubakire y'ingo zanyu, y'akazi kanyu, y'igihugu cyanyu. Brw4/117

'Nyetewe no kubafasha kubona ukuntu ibitekerezo byanyu ari yo nkomoko y'icyiza n'ikibi byanyu. Ni byo nyirabayazana y'icyiza n'ikibi byanyu. Niba ikibi kibagwiririyeye, mwishakira inkomoko yacyo ku muturanyi wanyu – nimwitegereze mu mitima yanyu ubwanyu mubone ubwa nyuma mwagiranye n'umuntu amakimbirane ku buryo busenya – kwaba gusebya, kubeshya, kurwanya, kujora. Icyo gihe ni ho agahinda kawe ka none kavutse! Brw4/118

‘Mwigishijwe ko mugomba gukuramo ijisho uwo ari we wese ubakuyemo iryanyu, ariko jye mbabwiye ko ubwo ari ubusazi. Niba ufite ijisho ryanogowe mu mwanya waryo, nawe ukanogora ijisho ry’uwo muhanganye, ushobora kwisanga mu mwanya muto nta kiganza n’akaguru. Ibyiza ni ukuguma hamwe, ukerekeza ubwenge n’umutima kuri **‘Data’ – Allah – Ibonunumva Nya-mana**, ugasenga usaba gufashwa, gukizwa no kurindwa icyago kirushijeho. Brw4/119

‘Kandi ukanasabira uwo muhanganye kuko ibibi byose umutekerezaho nta kindi bizakora usibye kugukururira wowe ubwawe umubabaro n’agahinda byisumbuyeho. Mubabarire, umusabire, maze ube wiremeye imigisha wowe ubwawe. Atari ukubera ko washimishije **‘Data’ – Allah** – kandi ‘ugakora igikwiye’ – ahubwo kubera ko ibonunumva ryawe rizakurura imigisha mu bunararibonye bwawe. Mu by’ukuri wikururira imigisha iyo uyisabira abandi. Ariko ibyo ntibibe ari byo bikubera impamvu kubera ko icyo gihe umugisha watokozwa n’ubwibone bwawe. Brw4/120

‘Iteka, mu gihe hari ikikugeze amajanja – fata feri, uhaguruke, uhindukire wiyambaze **‘Data’ – Ibonunumva Nya-mana** usaba ubufasha – maze wirebere ubutabazi. Buzaza nta kabuza. Brw4/121

‘Ndabibabwiye ndatinya kuvuguruzwa ko, uwo ari we wese muri mwe nabaho arinzwe na **‘Data’ – Allah – Ibonunumva Nya-mana** – kubera kurasiriza ubworoherane n’urukundo ku wo ari we wese mu buzima bwanyu no mu gihugu cyanyu, ndetse no ku ngirwabanzi banyu, nta gitero muzagabwaho na rimwe, nta gahinda kazabageraho, nta na rimwe muzahura n’indwara n’inyatsi nya-muntu biremwa n’ibonunumva nya-muntu. Brw4/122

Muzabaho mufubitse mu gishura cy’**Urumuri n’Urukundo; Ibonunumva Nya-mana** rizibuganiza muri gatekerezi yanyu, mu mubiri wanyu no mu buzima bwanyu. Abantu bashobora kuzahazwa n’indwara impande zanyu, gukubitwa hasi n’igitero, cyangwa “kumira nkeri” mu ihahamurwa n’ubwoba, ariko mwebwe muzakomeza inzira imwe mubona-munumva ko nta n’umwe ufite n’ubusabusa bw’ububasha nya-muntu bwahangara **UBUBASHA - ISOKO y’UKUBA kwanyu** -yabahaye ukuba kwanyu bwite n’ubuzima ku isi. Brw4/123

‘Ibyo nta n’umwe watinyuka kubihakana, kuko uwashaka kubihakana ataragera ku rwego rw’ibonunumva nya-roho aho ubwo burinzi ari ikintu gisanzwe. None yabihakana ate?’ Brw4/124

Kandi uko kuri ndakubwira abageze ku rwego rw’ibonunumva nya-roho rubona ubuhuzahose bwa **‘Data’–‘Allah’ – ‘Ibonunumva Nya-mana’** n’urukundo **Rwayo** rw’umurengera rurasiriza kuri bose no kuri buri wese. Brw4/125

Bene abo bayobokeye nya-roho baharanira kubaho muri urwo rukundo no kurusakaza – kandi bazahamya bishimye ko uko ari ukuri navuze. Bazaba bariboneyeho ubwo burinzi bw’igitangaza no kuzurizwa ibikenewe, bazamenya kandi ko bashobora kwiruhukira ku ‘zuba’ ry’urugwiro n’urukundo bya **‘Data’ – ‘Allah’ – Ibonunumva Nya-mana**. Brw4/126

Bazishimira kandi kwemera ko **Ibonunumva Nya-mana** ryitwa andi mazina ayo ari yo yose – Imana, Yave, Musumbabyose, Rwangambibi, Allah, buri gihe riguma kuba **Ibonunumva Nya-mana** ncengera-byose, hatitawe ku nyito zitandukanye zikoreshwa n’amahanga anyuranye. Bazaba barageze kuri urwo rwego rw’ubukanguke nya-roho igihe bazashobora kubona ko inyuma y’ibara, ururimi, ibyemerwa, ibikorwa ibyo ari byo byose, abantu bose – n’iremwa ryose ubwaryo, byose ari umwe mu mizi y’imibereho yabyo. Umuntu n’urutozi bisangiye inkomoko mu buringanire bw’**Ibonunumva Mpuzahose**. Brw4/127

UBU NI BWO BWIGENGE NYAKURI. Ni bwo bwigenge bwonyine.

Kugeza ubwo muzaba mwiguye kubona neza no kwakira ko **ISOKO yanyu y’UKUBA** ibarimo imbere, hejuru n’impande zanyu, ishobora koko gutemba mu bwenge bwanyu no mu mubiri wanyu AKO KANYA NK’IGISUBIZO CY’ISENGESHO, muzakomeza guhura n’amage y’ibonunumva ry’isi kandi nya-muntu. Brw4/128

Nimwiba namwe muzatakaza ibintu. Nimurwana, mugakomeretsa, mukamugaza, mukica, namwe muzamugazwa, mukomeretswe cyangwa mwicwe, ku mubiri cyangwa muri roho. Nimushoza intambara, imirwano izaramba kandi ibarurire. Brw4/129

Ikintu cyose kibababaza, ni mwe muba mwakikururiye. Brw4/130

Mufite ububasha bwo guhitamo uko mwifuzza kuzabaho mu gihe kizaza. Muhitamo uburyo muzabaho muvana ibonunumva ryanyu mu makimbirane, mukaryerekeza mu rukundo no kwakira uwo ari we wese kimwe. Brw4/131

Nutekereza ukuntu ushaka kononera cyangwa gukomeretsa undi, igitekerezo cyawe kizagera ku mwanzi wawe kimunge imbaraga ze, hakurikijwe umurego washyize mu mugambi wawe. Brw4/132

Ntiwibwire ko icyo gitekerezo cyawe cyazimanganye kitakiriho. Kiguma mu mbaraga z’amashanyarazi-rukuruzi gifata iforoma, kugeza ubwo gishibutse nawe kikagukomeretsa. Brw4/133

Ushobora konona byinshi ukoresheje ibitekerezo n’amarangamutima byawe. Wononera abandi nawe utiretse. Ni yo mpamvu ugomba kubwitaho neza – ibikoresho by’ubuhanzi bwawe –, kandi buri gihe uzajye werekera **‘Data’ – Allah – Ibonunumva Nya-mana**, usabe kugobotorwa igitekerezo cyose gihabanye n’urukundo rutagira ikigombero nyarwo. Hakurikijwe ububasha bw’isengesho ryawe n’ubutaryarya bw’ukwemera uzamuramo gatekerezi yawe uyerekeza ku **Ibonunumva Nya-mana**, ibitekerezo byawe bizacengerwamo n’ubuzima bushya n’urukundo. Brw4/134

Icyo twebwe – Ikivandimwe cy’Abamurikiwe – Abafite urumuri – mu IBONUNUMVA RYA KRISTU – tugiye kubabwira, gifitiye akamaro kanini isi yose muri rusange. Tubwira bese kimwe – Abakristu, Abayahudi, Abayisiramu, Abahindu, Ababuda, n’andi madini, na buri bwoko ku isi. Brw4/135

Tubwira bese kimwe – kuko buri wese ku isi akeneye aya mabwiriza kugira ngo bibashobokere kuzamuka ku nzego zisumbuye z’ibonunumva nya-roho. Brw4/136

Imibanire yanyu bwite kandi mpuzabitsina hagati y’abagabo n’abagore, ifitiye imibereho myiza yanyu muri rusange akamaro karenze kure uko mwabasha no kubirota ubungubu. Brw4/137

Tugiye kuvuga ku buryo burambuye mu mapaji akurikira ibyerekeye iyo mibanire, kubera gusa ko ari simusiga ibi bya cyane – inkorabuzima¹⁷ - kuri mwebwe abagabo n’abagore, gukanguka mukamenya ikirukuri shingiro ry’ubu-giti¹⁸ - n’indangamuntu - byanyu gabo cyangwa gore – n’inkomoko nyakuri y’ubunyurane bushingiye ku gitsina. Brw4/138

Mugomba kumenya byuzuye inkomoko nyakuri y’imibiri n’ibirango byanyu gabo na gore. Brw4/139

Ntabwo bari gusa imibiri yaremanywe imyanya y’umubiri itandukanye n’imyitwarire itandukaniye ku gitsina kugira ngo bareme abana. Bakomora ubugabo cyangwa ubugore bwabo ku **ISOKO** nyirizina **Y’UKUBA – imbere mu buringanire bw’IBONUNUMVA MPUZAHOSE.** Brw4/140

(Ndimo ndababwira ibi mbere y’uko musoma **Ibaruwa 5** kugira ngo muzige iyo **Baruwa** mufite mu mutwe ibyo ndimo mbabwira ubu, byerekeye impuzabitsina yanyu.) Brw4/141

Bityo, niba impuzabitsina y’umugabo n’ umugore idakoreshejwe mu buryo bujyanye n’**Umugambi¹⁹ w’Ibonunumva Nya-mana** wagaragaye mu gikorwa cy’ibanze cy’irema mu gihe cya ‘Big-Bang’, biragaragara neza ko n’ubwo impuzabitsina yashobora kubyara abana, itazazanira abagabo n’abagore ubumwe bw’ukuba, umudendezo ku giti cy’umuntu n’ibyishimo yari itegerejweho kuzana. Ahubwo ikinyuranyo cy’ibyo ni cyo kiba; birangira umubonano mpuzabitsina ubwawo uzanye ipfunwe n’ihurwe, nyuma yabyo ‘urukundo’ uko rungana kose rwari rwarahuje abo basangirangendo rukayoyoka. Brw4/142

Bitabaje ubumenyi no gusobanukirwa, abagabo n’abagore bashingira ubuzima bwabo ku mbaraga za roho, bazakora uko bashoboye kugira ngo barenge ibonunumva bafite ubu ku byerekeye imibanire y’umugabo n’umugore, mu ngeri izo ari zo zose, yaba mpuzabitsina cyangwa indi. Bazaharanira kugaragaza, muri gatekerezi no mitima yabo, imigambi yatumye baremwa mu maforoma atandukanye. Bazumva inkomoko y’ubudasa bwa mushyiguzi, amatwara n’uburyo bwo kwigaragaza byabo karemano maze babihe agaciro. **Bazakoresha ibibatandukanya kugira ngo bateze imbere ukugubwa neza kw’umwe ku wundi.** Gupiganwa bizayoyoka. Uko ibyo bizagenda biba, ni ko bazagenda barushaho koroherwa no kwicomeka ku **Ibonunumva Nya-**

¹⁷ Vital (*)

¹⁸ Individuality (*)

¹⁹ Intention

mana. Uko bazagenda barushaho koroherwa no kwicomeka ku **Ibonunumva Nya-mana**, ni ko bazazamuka mu nzego zisumbuye z'ibonunumva nya-roho. Brw4/143

Magingo aya, imyumvire yanyu y'impuzabitsina yanyu ni yo nzitizi ibabuza kuzamuka mu ibonunumva. Brw4/144

Iyo myumvire ibaheza mu bumuntu bwanyu. Brw4/145

Jyewe – Twebwe – ntidushobora gutsindagira bihagije ko muzaba mutaravumbura Ukuri kw'imibereho yanyu, kugeza igihe muzaba mwumvise byuzuye, kandi mugashaka gushyira mu bikorwa mu buzima bwanyu bwa buri muni, mu ngo zanyu n'aho mukora, imyumvire yanyu yuzuye y'igisobanuro nyakuri cy' 'umugabo' n' 'umugore'. Brw4/146

Mwabwiwe ko mutagomba gusambana. Ariko mbabwiye ko iyo wifuje umugore cyangwa umugabo w'umuturanyi wawe, mu bitekerezo byawe uba urimo urema amashusho azagira ingaruka ku mitekereze y'umugore cyangwa umugabo w'umuturanyi wawe. Azatangira kugutekereza uko umutekereza – cyangwa yumve atameze neza igihe muri kumwe, kubera ko azaba yumva irari ryawe ryo guhuza ibitsina, maze guhera ubwo azajye aguhunga. Brw4/147

Ibiri mu mitwe yanyu bizagera aho bibe ku isi byanze bikunze. Bityo ntimukibeshye ko mushobora kurota ku manywa y'ihangu mukihamagaramo amashusho abashimishije atazagira undi yangiza. Ni yo mpamvu ubuvanganzo bwanyu nyandagazi ari igitutsi gisebya ISOKO yanyu y'UKUBA – ni ishyano rigamije guhembera ibyifuzo by'imibonano mpuzabitsina, rikarekurira ubabare n'akaga bitavugwa ku mibiri, gatekerezi n'amarangamutima by'inkumi, binyuze muri getekerezi z'abagabo buzuye irari ry'igitsina. Ibyo mwakoze n'ibyo murimo mukora ubu ni byo byafashije insanzuramuco yanyu kugera aho igeze ubu, ku nkombe z'irimbuka. Mumenye ko umunsi wo kuriha uzagera kuri mwe mutangaza, mugasakaza 'uburwayi bwanditse', kandi uzazira n'ababukoresha mu kwikinisha. Brw4/148

Mwebwe mu Burengerazuba bw'isi, mwikururiye agasuzuguro k'abatuye mu Burasirazuba kubera ubusazi bwanyu burindimutsi. Ntimuzabasha kuzibukira ibyo mwabibye. Brw4/149

Namwe b'i Burasirazuba, ntabwo muzacika ubusazi bwanyu bwigaragariza mu myifatire yanyu mburamutima ku bagore banyu, babyara bakanarera abahungu banyu n'abakobwa banyu b'agaciro. Brw4/150

Bamwe muri mwe, kubera kutamenya Ukuri, mu migambi yanyu y'ubwikunde no gukunda inyungu, mwagize urw'amenyo **Ukuri** kwa **Muhamadi!** Brw4/151

Mwafurebye abagore banyu imyenda iremereye, mubabuza ubwigenge bwo kwinyagambura, munababuza guhumeka umwuka ufutse wa Allah iyo batinyutse gusohoka mu bandi bantu. Brw4/152

Ni mugabo ki uzakururwa n'ibyemerwa byanyu n'imyitwarire yanyu mburabwenge, irangwa n'ubwikunde? Bizakurura gusa abagabo batagirira abagore amarangamutima y'ubugwaneza. Ni bene abo bayobokeye se Umuhanuzi wanyu Muhamadi yajyaga kuba

yarakuruye igihe yari akiri ku isi? Reka da, yakururaga gusa abarushaga abandi gatekerezi nya-roho. Brw4/153

Kuri ubu ni irihe shusho ry'Umuhanuzi wanyu mugaragariza abatuye isi? Brw4/154

Ndabibabwiye: ni ishusho ry'umugabo wataye umutwe, wahanzweho n'urwego rwo hasi rw'igitsinagore, wafataga umugore nk'umutungo w'umugabo ugomba guhishwa amaso ya rubanda. Brw4/155

Umugabo utita ku bikenerwa nyabyo by'umugore kugira ngo yishime, umugabo wibagirwa akababaro k'umugore mu gufatwa kwe nk'**imbohe y'ingaruzwamuheto**. Brw4/156

Uwo nguwo nta na kimwe apfana na Muhamadi, Umuhanuzi wa Islam. Brw4/157

Akiri ku isi yunamiraga kandi akubaha igitsinagore. Brw4/158

Ni ku gitsinagore yavanye uburyo bwo gutera imbere mu nzira nya-roho ye igana kumurikirwa. Yabakeshaga byinshi kandi yari azi ko, n'ubwo bari batandukanye ku mubiri, bareshyaga n'abagabo kuri roho. Brw4/159

Mu by'ukuri, ntabwo byari impanuka kuba yaraje ku isi akennye nta cyo atunze, agahura n'umugore wahebuje umutima, ubukire ku bintu n'ubushishozi kuri roho, ngo amufashe kuzamurwa ku rwego rw'Umuhanuzi igihe yari ageze igihe cyo kubishobora. Brw4/160

Uwo ni wo mugambi wari inyuma y'ukuza kwa Muhamadi ku isi – gusubiza umugore mu mwanya umukwiye – nk'umufatanyabikorwa ureshya n'umugabo w'inganji. Brw4/161

Nimwitegereze neza ibi. Nyuma y'imurikirwa, JYE, nka Yezu, nasezeye ku mibonano mpuzabitsina kubera ko ari byo nahisemo, ariko ibyo ntibyigeze bibangamira na gato urukundo nari mfitiye abagore bazaga kwita ku byo nari nkeneye. Brw4/162

Ariko Muhamadi, amaze kumurikirwa, 'yamenye' abagore benshi, kandi ubutumwa bwe bwari ubw'umuntu witabazwaga mu kwiga kubana no gukorana n'abagore mu bureshye no mu rukundo. Brw4/163

Neza neza nk'uko gukurikira indonke byatumye abayoboke banjye bashungura ibyo nakoze n'ibyo navuze ku buryo bateza imbere imigambi yabo bwite, ni ko ubwikunde bw'abantu bamwe b'impumyi mu bya roho bwatumye bagoreka inyigisho y'umwimerere ya Muhamadi, bongeramo ibindi byinshi n'ibisobanuro bitigeze bigambirirwa na Muhamadi. Ni muri ubwo buryo **umurimo wa buri Mwigisha** mukuru mu bya roho urenzwaho inkuru zitari zo z'igitekerezo nya-muntu, kugeza ubwo **Ukuri** gupfukiranwa mu binyoma, abantu bakayoba cyane ndetse bagaterwa gucumura kubera intamenya. Brw4/164

Kubera ko mwebwe n'andi madini amwe n'amwe mwakomeye cyane ku cyemerwa kivuga ko Adamu na Eva baremewe kubaho mu munezero mu Busitani bwa Edeni, ko

Eva yashutswe n'inzoka, ko yatakaje inema akanashuka Adamu, umugabo yashishikarijwe kubona umugore nk'umushukanyi kabuhariwe. Brw4/165

Inkomoko y'inyokomuntu uko yahimbwe ntabwo ari ukuri. Ni imigani gusa. Brw4/166

No kuba umugore ari umushukanyi kabuhariwe na byo si byo. Brw4/167

Ku mukone, umugore nta mabengeza agira. Kubera iki? Kuko igituma umugabo ashaka kuryamana n'umugore cyakuweho. None igishukana kiri muri nde? Mu mugabo ubwe – kandi kikaba gishobora kumwamburwa – cyangwa mu mugore uhama uko ari uko byagenda kose? Brw4/168

Umugabo yaremewe nkana gutera intanga. **Rero gutera imbuto arabigomba – aho abiboneye agahenge hose.** Brw4/169

Umugore yaremewe kwakira intanga. Mu myaka yashize, mbere y'ikinyejana cya makumyabiri, abagore babaga basinziriye ku byerekeye impuzabitsina kugeza barehejwe n'abagabo. None se ubwo igishukana kiri he? Mu bagabo bagagambura kandi bakareshya, cyangwa mu bagore bareshywa, kandi bakagagamburwa? Brw4/170

Umugabo yakomeje kwihisha kamere ye y'ubugabo mu izina ry'ubusukure, guhanantuka kwe akabirega umugore. None se icyo ni igikorwa gitagatifu? Gifite agaciro? Cyagombye gukomeza? Brw4/171

Turabwira abo muri mwe bavuga ko biziritse ku kwemera kwa Gisilamu kandi bibwira ko muri 'indacumura' cyangwa mufite 'gatekerezi ikeye' kubera ko mwafurebye abagore banyu imyenda iremereye ngo mwirinde gushukwa kandi mubuze abandi bagabo kubona 'imitungo' yanyu. Mbega ukuntu muyobywa cyane n'irari ryanyu bwite! Mu kurindwa gushyira mu bikorwa ibyifuzo byanyu nya-muntu, icyo mugeraho gusa nuko byiyongera kugeza bisandaye mu iforoma iyi cyangwa iriya y'ubugome n'urugomo. Brw4/172

Jyewe – Twebwe – turabwira abagabo n'abagore aho bari hose – Ubusukure nyabwo bugerwaho gusa iyo ushobora gukikizwa n'ibishuko by'ubwoko bwose nyamara ugakomeza kudafatwa n'irari, ibiyumvo byo ku isi ntibikunye ganyeze, ntiwanduzwe n'irari ry'isi, ntujyanwe bunyago n'umurumba w'ibintu. Brw4/173

Ubusukure, mu maforoma yabwo yose, busumba inzara²⁰ nya-mubiri zose zo ku isi. Ubusukure ni ubushobozi bwo kubona igishuko mu kuri kwacyo – ubutayungururwe bw'igitekerezo n'icyiyumvo bubohera ibyumviro by'abagabo n'abagore mu gukora ibintu bidakeye. Umuntu ukeye by'ukuri yifuza gusa kuba ahantu hasukuye kandi h'inyangamugayo, habereye inyota ye karemano y'urukundo nya-roho n'ubwiza bwo kwigaragaza muri buri ruhande rw'ubuzima bwe. Ubwo ni bwo Busukure nyakuri. Brw4/174

Nyamara, ubuziramwanda ntibushobora kugerwaho butabanjirijwe na ya myaka myinshi y'ibishuko. Ni igice ngombwa cy'iterambere nya-roho ryanyu; mutarigeze

²⁰ hunger

mugira ibihe byo gushukwa bikomeye ngo birangire mwumvise ko hari inzira yisumbuye yo gucamo, inzira yo kwigomwa, yo guhangayikira no kwita ku mugore w'umutima, ntimuzagera na rimwe ku rwego rw'ubusukure nyabwo. Brw4/175

Muzagirwa abacakara n'irari kandi muhore mu ntugunda z'imitima irwana. Brw4/176

None rero, nimureke guhunga igishuko mufureba abagore kandi mukabaho mu busukure buhimbano. Ahubwo – bagabo n'abagore, nimwiyambure, muhe icyubahiro imibiri bamwe y'abandi nk'amaforoma meza agaragara inyuma y'**Ibonunumva Nya-mana** ririmo imbere, maze mwiyumvire iruhuko ubusukure nya-roho nyabwo buzabazanira. Brw4/177

Nimuhure n'ibishuko bihambaye – kandi mubitsinde! Nimuzanire imitima irwana yanyu **Ibonunumva Nya-mana** mushakishe **ububasha bwaRyo** ngo bubafashe kuganza inyota nya-mubiri yanyu, kuko ubwo ari bwo buryo bwonyine muzagera ku bwigenge, amahoro ya gatekerezi mushakisha mbere ya byose. Brw4/178

Niba ubungubu murimo gushakira iruhuko no kugobotorwa irari ryanyu mu kuriha rugari, ubwo si ubwigenge cyangwa kugobotorwa. Iryo rari nyirizina rizongera rigaruke igihe kigeze – mwongere mukubitane n'ububabare bukabije bw'imitima irwana. Nimwongera kuriha rugari – imitima irwana izagaruka, ndetse irushijeho ubukana, itegereje icyemezo cyanyu cyo guhagarara gitwari mu bubasha bw'**Ibonunumva Nya-mana** kugeza ubwo irari rizacubya no kubona ubwiza buziranenge, **Ikirukuri** kiri inyuma na mo imbere y'amaforoma nya-mubiri yose. Brw4/179

Ubunyaroho²¹ busumba ubundi hagati y'ibitsina, ni iyo umugabo n'umugore bashoboye kuba kumwe bambaye ubusa mu mutuzo, kandi bakubahana kuri roho, gatekerezi, umutima n'umubiri. Brw4/180

Mu bunyaroho bumeze butyo, icyo bumva umwe ku wundi ni urukundo no kwita ku mibereho myiza y'undi. Muri urwo RUKUNDO no KWITANAHO mu rugwiro hazava ubumwe bw'injyanamuntu bwagezweho na bake – kandi, niba ari cyo kigenderewe, umwana ufite ubwiza butagereranywa ku mubiri no mu bwenge azasamwa. Brw4/181

Mu binyejana biri imbere, igihe abantu bazaba baratangiye kujya mbere bunyaroho²² kuri buri rwego rw'ubumuntu bwabo, urukundo rumeze gutyo mu bakundanye ruzafatwa nk'ibisanzwe – naho imibonano mpuzabitsina igendeye ku bwikunde, igamije gusa ubunyurwe bw'umubiri, nk'uko bigenda ubu, izafatwa nk'igikorwa cyo kwiyandagaza – kibi nk'ihohotera. Brw4/182

Ubu ngubu, inzira nya-roho isumba izindi ikwiye gukurikirwa mu byerekeye ibitsina, ni ukwemera no kwitwararika imibonere ikurikira: Brw4/183

Abagabo n'abagore baremewe kuzuza mu buzima inshingano zihariye, zigendanye na kamere zabo. Brw4/184

²¹ Spirituality (*)

²² spiritually

Umugabo atera inda umugore. Umugore adashatse kumufasha, umugabo yazagera ku iherezo ry'ubuzima bwe – nta mwana – nta kiremwanuntu gikomeza kwitirirwa izina rye. Brw4/185

Ni yo mpamvu umugabo yagombye gufata umugore nk'umuntu bareshya mahwi, ariko wavukiye kuzuza izindi nshingano. Yagombye kumuha icyubahiro gisumba ibindi, akamukunda, akamwitaho – mu bihe byose – kugira ngo amufashe kwikorera imitwara ye mu buryo burushijeho koroha, kuko umugore ari we uha iforoma igaragara icyabanje gutekerezwa mu bwenge. Brw4/186

Iyo umugore yakiriye intanga ngabo ikiteranya n'intanga ngore ikambere mu mubiri we, haba igitangaza mu mubiri we, wowe mugabo, utagize ikindi wunganiraho, usibye intanga yawe mu gihe cy'ibyishimo – icyo kikaba ari cyo gihembo cyawe. Brw4/187

Icyo ushobora gusa ni ugutanga umuganda mu gusigasira ubuzima buzira umuze, n'imikurire y'icyo 'gitangaza' wahaye ubuzima mu mubiri w'umukunzi wawe, umuha urukundo rudacogora, rwita ku mibereho ye myiza n'ubuziramuze bwe, kandi ukamurinda icyamuhungabanya ku mutima cyangwa ku mubiri. Iyo ni yo nshingano yawe nk'umugabo. Brw4/188

Ni bwo buryo bwonyine ukwiriye kumuguma iruhande nka se w'umwana we. Brw4/189

Ibyo niba utabishoboye, nta kamaro ufite nka se w'umwana – nta n'agaciro wifitiye wowe ubwawe nk'umugabo waremewe kugaragaza **'Ibonunumva Nya-mana Data'** nya-roho ryawe mu buzima bwawe nya-mubiri. Brw4/190

Umugabo utoteza umugore utwite umwana we, akamusuzugura, akamubwira amagambo akakaye kandi y'urugomo, cyangwa akamugirira nabi ku mubiri, aba arimo yica **Itegeko ry'Imibereho** rirusha ayandi kuba shingiro, rivuga ko umugabo n'umugore bagombye kunga ubumwe mu buringanire buranga **Ubube²³ Nya-mana.** Brw4/191

Umugore wubashywe, ukunzwe kandi akarengerwa yagombye na we kubaha, gukunda no guha umukunzi we amafu ya roho n'umubiri, bityo akorora ubushobozi bwe bwo kumwiha. Umugore utita ku mugabo we, ngo amuguyaguye n'urukundo, aba yambura roho ngabo ye ubushake bwo gukomeza umutsi mu bibazo ahura na byo mu isi hanze y'urugo. Brw4/192

Azajya gushakira amamarantimba ye ku yindi soko – mu bagabo cyangwa abagore – mu nzoga cyangwa ibiyobyabwenge – cyangwa yigunge iwe mu rugo, nta cyo amariye uwo babana cyangwa abana. Ni yo mpamvu abagabo n'abagore bafite inshingano zireshya zo gukundana. Brw4/193

Nk'uko **Umugabo** agomba kwiga kuyobora, umunsi ku munsi, **'Isura Data'** y'**Ibonunumva Nya-mana'** mu muryango we no ku kazi, n'**Umugore** na we agomba

²³ Beingness (*)

kwiga kugaragaza **'Isura Mama' y'Ibonunumva Nya-mana'** mu buzima bwe bwa buri muni. Brw4/194

Abahakana uku Kuri bazahezwa mu Ngoma z'Ijuru kugeza ubwo bazaba barazamuye imibonere nya-roho yabo, kandi bagahindura imyifatire yabo babifashijwemo n'isengesho. Igihe imibonere yabo izaba yazamuwe hejuru y'imyumvire ya 'gabo na gore' ya kimuntu yo kw'isi – ikarenga ibyifuzo byo ku isi n'irari rya babona – ikagera ku Kirukuri bakomoyeho 'ukuba' kwabo, ni ho bazasohoka mu ruziga rwo guhora umuntu yongera kuvuka mu mubiri, bagatahura irembo ryinjiza mu Byishimo n'Ikuzo bihebuje. Brw4/195

Niba mu muco, umugore afatwa gusa nk' 'umutungo', icyoshyo cy'ibyifuzo by'umugabo, ntatwe nk'umugore ureshya n'umugabo ku buryo bwose, uwo muco ntabwo wumvise neza kamere nyakuri y'umugabo na kamere nyakuri y'umugore. Brw4/196

Umugabo n'umugore ni ibice bibiri bingana by'ikintu kimwe. Brw4/197

Iyo ari ingaragu akaba ari wenyine, umugabo aba yerekana gusa isura imwe y'**ISOKO** ye y'**UKUBA**, kandi n'umugore iyo aba wenyine atarashyingiwe, na we aba yerekana gusa isura imwe y'**ISOKO** ye y'**UKUBA**. Brw4/198

UMUGAMBI NYA-MANA w'IBONUNUMVA MPUZAHOSE, kwari ukugaragaza ububumbabyose²⁴ bwite **bwaRYO** mu irema, rikoresheje guha ubuzimagiti²⁵ mu iforoma nya-mubiri, buri sura mu masura **YARYO** abiri areshya, noneho rikongera kuyahuriza hamwe, mu iforoma nya-mubiri, kugira ngo ryikorakorere²⁶ ubumwe n'ububumbabyose by'**IBONUNUMVA NYA-MANA** ayo masura yari yarabanje gukomoraho ubuzimagiti bwayo. Brw4/199

Uko bahujwe n'urukundo n'ubumwe bwa roho n'umubiri, biyumvira ibyishimo n'isabagira by' **IBONUNUMVA MPUZAHOSE mu buriganire**. Brw4/200

(Iyo nzira yose isobanuye neza mu **Mabaruwa 5 na 7**) Brw4/201

Bityo rero, ihuza ry'ubugabo bw'umugabo n'ubugore bw'umugore ni ngombwa kugira ngo bakore 'imbumbabyose' ikomoka ku **ISOKO y'UKUBA**. Muri iryo hura ni ho havuka umwana wuzuye. Brw4/202

Igihe nari mu butayu muri Palestina, nabanje kubona ko **UMUGAMBI** ari wo wari **kamere** y'ibanze y'**Ubuhanzi bw'IBONUNUMVA MPUZAHOSE, ISOKO** yacu **Y'UKUBA**. Brw4/203

UMUGAMBI wo kurema, guteganya no kugena imiterere – noneho iyo miterere ukayiteza imbere uyorora, ukayigaburira, ukayikiza indwara, ukayirengera, ukayihaha ibyo ikeneye mu buryo buboneye. Brw4/204

Umugabo n'umugore bombi bagiye baremwa mu iforoma nya-mubiri no mu ibonunumva, kugira ngo babe inararibonye ku **MUGAMBI, kandi bawugaragaze**

²⁴ Wholeness (*)

²⁵ Individuality

²⁶ Experience (*)

mu buryo bwose bushoboka mu mibereho yabo. icyo ni cyo gikorwa cya mbere cy'ubuhanzi. Nta MUGAMBI, IREMA ntiryabaho. UMUGAMBI ni wo nkomoko y'imibereho yose – kandi urayambukiranya. Brw4/205

UMUGAMBI ni wo usobanura kamere y'igikorwa – y'urukundo cyangwa yo gusenya. Brw4/206

Ikigabo n'ikigore byahawe ubuzimagiti kugira ngo bibe inararibonye ku **MUGAMBI**, kandi biwuhe imvugo mu buzima bwabyo. Iyi ni yo mushyiguzi y'ibanze y'ubuhanzi. Brw4/207

Ikigabo n'ikigore kandi byahawe ubuzimagiti kugira ngo bibe inararibonye ku **BUBASHA BW'UBUSHAKE** kandi bibugaragaze. Brw4/208

UBUBASHA BW'UBUSHAKE mu KIGABO bubabwaho kandi bukagaragazwa mbere na mbere nk'**Ubukozi**. Mu maforoma yo ku ikubitiro – umugabo asohoka agana mu bimukikije kugira ngo yuzuze umugambi we. Kubera iyo mpamvu, yifureba imyambaro y'umuyobozi n'umushakashatsi. Yahawe ubuzimagiti butuma atekereza kandi akuzuza intego ze nta mukururano w'amarangamutima. Brw4/209

UBUBASHA BW'UBUSHAKE mu KIGORE buterwa kandi bukababwaho mbere na mbere nk'**Icyiyumvo**²⁷ – umugore **akeneye guha imbaraga UMUGAMBI w'ibanze**, bityo akawugeza ku ntego nta guteshuka – umugambi ukagera ku musaruro washakwaga – ibyo bigashoboka binyujijwe mu gufata neza, kugabura, kwambika, gusana, kwigisha, kurinda no kurengera. Brw4/210

INTEGO itandukanye rwose n'**UMUGAMBI**, kuko **intego** imanuka ku rwego nyagatekerezi²⁸ rw'umugambi, igahinduka inyota mbamutima²⁹, icyifuzo cyo guhimba 'uburyo bwo kugera ku ntego igambiriwe'. Brw4/211

'UMUGAMBI ukomeye wo gukora ikintu' uhinduka INTEGO yihishe inyuma y'imibereho irimbanije. Muri ubwo buryo, igitekerezo n'icyiyumvo bifatanyaga gukora umurimo w'irema. Brw4/212

Umugabo ahora asirisimba ashakisha ibitekerezo bishya, ashakisha uburyo bushya bwo kuzuza imigambi ye yo guha ubuzima bwe intego. Brw4/213

Imigambi y'umugore ni 'intego yigize umuntu', yuzuye umutima kandi ihamye, yiteguye kwigomwa kubera abakundwa. Brw4/214

Bityo rero, **MUSHYIGUZI** z'ibanze uko ari ebyiri mu **ISOKO y'UKUBA – zigaragara mu iforoma nya-mubiri nka gabo na gore** – zirakenerana. Imwe ntishobora kubaho indi itariho. Zombi zirakenewe kugira ngo irema rikomeze. Brw4/215

Kubera ukudahama hamwe kw'umugabo n'inyota ye y'ubuyobozi, igitsina gabo cyiyumvamo isumbwe ku gitsina gore. Ibyo biterwa nuko umugore ahora mu byimbo bye, asigasira umutekano w'umugabo. **Ariko inyota ya kigore ni iy'urukundo rutagira ikigombero, inyota ikwiye icyubahiro n'agaciro by'ikirenga ngo**

²⁷ Feeling (*)

²⁸ Mental (*)

²⁹ Emotional drive (*)

ashobozwe gusagamba no kugera ku ntego ye karemano mu rugo, afite amahoro ya gatekerezi n’ibyishimo. Brw4/216

Inshingano y’umugabo, ni ukumenyera umuryango we umutekano nya-mubiri n’ibiwutunga bifatika. Brw4/217

Inshingano y’umugore, ni ukumenyera umuryango we umutekano nya-mutima³⁰, n’ibikenerwa nya-mutima ngo umuntu ku giti cye yumve yuzuye kandi yishimye. Brw4/218

Mu bihe byashize, mu Burasirazuba no mu Burengerazuba, umugabo yakoresheje ubuganji bwe mu rugo, afata umugore nk’umuja ugomba kumvira ugushaka kwe. Ni uko yahese kandi akagoreka imbaraga z’**Ibonunumva Nya-mana** aziyobora mu nsanzuramuco igoramye, akoresheje gatekerezi n’umutima bye. Brw4/219

Kandi yanagoretse ibonunumva ry’umugore, amuminjiramo inzika ikomeye y’uko afatwa nk’umuja kandi azi neza muri we ko atagombye gufatwa atyo. Brw4/220

Ni gutyo umugabo yaremye uburyo bwo kubaho bwangiritse kandi bumutesha ibara, we na mugenzi we, uburyo bugongana rwose na **KAMERE y’ISOKO** ye **Y’UKUBA**. Brw4/221

Kuba umugore yarageze aho agakoresha uruhande rwa kigabo rumubamo, agatera amahane kugira ngo yerekane ko areshya n’umugabo, mu rwego rwo guharanira icyubahiro kimukwiriye mu bantu, bivuze ko insanzuramuco yanyu yahungabanye burundu, irwaye. Umugore ariho arafata inshingano za kigabo kubera kwiheba, kandi mu kubigenza atyo, araburizamo umugambi w’irema. Brw4/222

Igitsina gabo n’igitsina gore byataye umurongo neza neza. Mu bihugu bitaratera imbere, abantu bariho batariho, bakagerageza gukemura amacakubiri hagati ya gabo na gore mu mibonano mpuzabitsina itagira ireme. Bigatuma ahubwo umugabo n’umugore bagenda barushaho kutumvikana no kudashirwa. Amakimbirane mu rugo atera umuhangayiko, ubutindi n’ubutane, n’iyo baba batuye mu nzu imwe. Brw4/223

Mu bihugu byateye imbere, amavuriro y’ubumuga bwo mu mutwe yuzuyemo abakuru n’abato bababaye, bavuga ko batazi buri wese icyo ari cyo ku giti cye, cyangwa intego yabo mu buzima. Bakabaza ‘impuguke’ nyamara na zo zidashobora kubabonera ibisubizo. Brw4/224

Hagombye kandi kwibutswa ko buri muntu, gabo na gore, bafite amasomo bagomba kwiga mu buzima agomba kwigwa gusa mu gitsina – no mu bwoko – buri wese yisangamo. Bityo rero, umugore agomba kwemera umurimo we mu buzima nk’umuntu uha umugabo we n’abana urukundo n’umutekano nya-mutima, mu kwiyubaha no kwihesha agaciro, kandi akabikora neza uko ashoboye. Agomba kumenya ko uwo murimo wo gutanga umutekano nya-mutima ari ngombwa cyane mu kubeshaho igihugu. Atanga ‘ubujeni’ bw’urukundo n’imibereho myiza bumatanisha imiryango, imijyi n’ibihugu. Iyo yumva neza umwanya we n’itego ze mu muryango w’abantu,

³⁰ emotional

agashakisha kubikora no kubigeraho mu buryo buboneye bushoboka, aba ari kwihuta mu nzira igana urukundo rutagira ikigombero, n’ingororano zihanitse mu bwisanzure bwe ku giti cye n’umunezero. Azanagera ku rwego rwisumbuye rw’ibonunumva – yenda nk’umugabo mu buzima bwe bukurikira, uzazanira inyungu nyinshi inyokomuntu. Brw4/225

Mu buryo busa n’ubwo, abagabo bateye imbere mu bya roho – ndetse n’abigisha mu bya roho – bagaruka mu buzima bwo ku isi kwiga ukwiyoroshya nyakuri, no gushyira mu bikorwa bya buri munsu amabwiriza yabo ahanitse y’ubuzima mu mubiri w’umugore ukora umurimo we w’umubyeyi mu bwitonzi, akita ku bamukeneye bose n’ibyo ashobora kubaha. None ubusumbane buri he? Brw4/226

Nimuvane ibihato mu maso n’ubwenge bwanyu bitareba kure, maze mubone neza ko nta busumbane bwagombye kubaho – hagombye kubaho gusa IMIGAMBI isangiwe yo kugaragaza ibyo mwembi mukomora ku **Ibonunumva Nya-mana**, mukabigaragaza mu buryo nya-roho buhanitse, kugira ngo mugere ku munezero usumba iyindi ushoboka ku isi. Brw4/227

Mu myaka izaza, igihe umugabo n’umugore bazaba barateye imbere mu by’ubuzima bwa roho, nibaramuka banyuranyije cyangwa igihe bazaba badahuza umugambi, bombi bazashyira imigambi yabo **‘IBONUNUMVA NYA-MANA RYA DATA-MAMA’** babaza bati: ‘Ni iki kigomba kuremwa urebye uko tumeze? Inzira iruta izindi twanyura ni iyihe?’ Brw4/228

Nibamara kubona ibisubizo, bazabyakirana umutima ukunda kandi babihurize hamwe. Ibinyuranyo byose mu gisubizo bizubahwa, bigarurirwe **Ibonunumva Nya-mana**, bongere babaze kugeza ubwo bashyitse ku bwumvikane butaryarya. Brw4/228

Bombi, umugore n’umugabo bazagaruka noneho babaze **‘Ibonunumva Nya-mana’** bati: ‘Ni mu buhe buryo busumba ubundi twagera ku ntego zacu?’ Na none bongere bahurize hamwe ibisubizo bakomeze babaze kugera ubwo bageze, amaherezo, kuri gahunda ifatika itazaba yaratekerejwe mu bwenge bw’umuntu gusa, ahubwo izaba yararemewe mu rwego rusumba izindi rw’ubuhanzi – **IBONUNUMVA NYA-MANA**. Brw4/229

Kubera gukorana muri ubwo buryo, amaherezo bazamenya umunezero w’ubumwe nyakuri bwa roho, gatekerezi, umutima n’umubiri. Brw4/230

Mu gusoza, umugabo ntiyashobora kubaho mu mudendezo na we atiyumvamo kandi ngo agaragaze amarere amwe n’amwe ya kigore. Akeneye amarangamutima amuhuza n’umugore we, abana be, n’abandi bamenyi – abanyeshuri bigana, abakozi bakorana, bagenzi be n’inshuti ze. Nta byiyumvo bisusurutse na mba, yaba ameze nk’igikoko giteye igishyika. Brw4/231

Kenshi, iyo ari roho ikuze, azana ubususuruke bwinshi n’impuhwe abikuye mu buzima bwe bwabanje ari umugore. Uko agenda akura mu bya roho ni na ko mushyiguzi ndangagitsina ze zombi zigenda zinganya imbaraga muri kamere ye. Brw4/232

No ku bagore ni ko bimeze. Brw4/233

Kimwe n’umugabo, umugore ntashobora kubaho mu mudendezo nta marere na make ya kigabo afite. Nta bushobozi afite bwo gushyira ibintu ku murongo n’ubwenge, urugo rwe rwaba akarere k’ibyorezo. Biranashoboka kandi ko yaba yarigeze amarere akaze ya kigabo mu buzima bwabanje, bigatuma ubu yumva atamerewe neza mu nshingano ya kigore yo kwitangira abandi. Umeze atyo yagombye gusaba **Ibonunumva Nya-mana** guhumura amaso ye ngo abone ko nta rukundo rw’inyokomuntu, ubuyobozi ari umwitozo wuzuye amakuba. Brw4/234

Iyo abagabo n’abagore barimo begera ubureshye bwa kamere gabo na gore muri bo nyirizina, inshingano yabo mu buzima iba kurenga amarere yabo mpuzabitsina barangwa n’urukundo rutagira ikigombero kuri bose, no kuganisha ayo marere ubwayo mu buhanzi butavangiye – mbese nk’ubugeni. Ni muri bene abo bantu hava ‘Abaminuje’³¹, bishoboye bo ubwabo, bashoboye ubuhanzi, bashoboye ibonunumva nya-muntu, bashoboye ‘ibyaremwe bifatika’. Brw4/235

Ikibabaje nuko muri ibi bihe bya none, abagabo n’abagore banyu barimo begera ubureshye bwa ‘za kamere gabo/gore’ muri kamere imwe yabo, nta bimenyetso ngenderwaho bafite bibereka icyo intego zabo nyakuri zagombye kuba cyo. Barayobye maze bahimba hagati yabo ihuriro ridafite ireme; muri iryo huriro, ibyishimo no kumva wuzuye ku giti cyawe bashaka, biburizwamo no kurarikira gushimisha umubiri aho guharanira ubuzima bwa roho. Bazakomeza babure ibyishimo, batanyurwe n’amakimbirane, kugeza ubwo bazatahura ukuri kwerekeye ‘abo ari bo nyirizina’. Brw4/236

Tugarutse ku byerekeye umurimo w’umugore mu buzima, bigomba kandi kuvugwa ko mu myaka ijana ishize, benshi mu bagore b’abajyambere mu bihugu byateye imbere bageze ku rwego rwo hejuru mu kugira amarere ya kigabo. Brw4/237

Bagomba guhitamo bitonze ibyo baha agaciro kuruta ibindi mu buzima bwabo. Ntibagomba kwicara imuhira ntacyo bakora kandi bafite irungu, ahubwo bashobora kurushaho kunezerwa no kuba abantu buzuye, baramutse bakoresheje ubwenge n’ubushobozi bwabo mu kuremera umuryango wose imideli mishya y’ubuzima bwubaka. Ubu bashobora kuba batazi uko babikora, ariko kuzirikana kuzabazanira mu bwenge ubuhumekerwemo ngombwa ku nzira iruta izindi yo gukoresha ububasha bwabo bwo kuyobora n’impano bafite, ku nyungu z’umunezero wa bose. Brw4/238

Abagabo bashoboye guteza imbere ubushobozi bwisumbuye bwo kugirira impuhwe abagore na bagenzi babo b’abagabo, na bo bazavana, mu kuzirikana bikurikiwe no guhumekerwamo, inzira zisumbuye zo kugaragaza ubushobozi bwabo bwo kuyobora mu kazi kabo, bityo bazanire abandi umunezero. Brw4/239

Kuki **N**avuze – **T**Wavuze – kuri iyo nsanganyamatsiko y’ibitsina ku buryo bwimbitse bene aka kageni? Brw4/240

Byabaye ngombwa bidasubirwaho kubera ko intambara y’ibitsina – haba mu Burasirazuba cyangwa mu Burengerazuba – irimo kurema imibereho itari

³¹ Masters

mizima ku isi. Ihembera urugomo, igacumba uburakari n’ubushyamirane. Brw4/241

Ubwigenge mpuzabitsina bwagejeje isi mu kaga kazatuma izimangatana, kubera ikwirakwizwa ry’umugera wa SIDA. Imigera yose iremerwa mu mbaraga z’ibonunumva risenya. Brw4/242

Mugomba kumva ko abantu ari bo biremeye imigera yabo! Buri mugera ni ukwigaragaza kwa mushyiguzi y’ibonunumva nyabuzima risenya. Urasa ku cyo mushyiguzi y’ibonunumva risenya yashakaga guhamya igihe uwo mugera wafataga iforoma. Brw4/243

Nasobanuye neza ibyerekeye iyi ngingo y’imibereho igihe nari ku isi nka Yezu. Abayahudi bari bafite umuco w’indahetwa wo koza ibirahuri mbere yo kubinyweramo. Nababwiye neruye ko batagombaga kugira inkeke y’ibyabajyaga mu kanwa. Ko ahubwo bagombaga kwitondera ibyabavaga muri gatekerezi no mu mitima – bigasohoka bibanyuze mu kanwa. icyo gihe siyansi yari itaratahura ko habaho imigera, ariko byari bizwi ko indwara zaturukaga mu kurira no kunywera mu byombo bitoze. Ariko nari nzi ko indwara yabaga yaturutse mbere muri za gatekerezi n’imitima by’abantu bafite umujinya w’umuranduranzuzi. Hanyuma igakwirakwizwa n’igabagabanya ry’uturemangingo, ariko yifitemo, ubuzira herezo, imbaduko³² n’ibonunumva ryayiremye bigitangira. Brw4/244

SIDA ntabwo yaje nk’impanuka. Yavuye mu mbaraga z’ibonunumva ryo kutabasha kwifata, hamwe n’imyakirire mvamutima isenya hagati y’abahuza ibitsina. Urwango n’umujinya birengejweho bishobora gutuma abantu bakora imibonano mpuzabitsina igira ibisigisigi by’indwara muri gatekerezi, amarangamutima n’umubiri. Brw4/245

Kubera ko imibonano mpuzabitsina idaturuka buri gihe ku bwumvikane hagati y’umugabo n’umugore, ibyo bifuzaga birabura, ntibabyisanzuremo ntibinabaruhure. Iyo bigenze bityo umurego nya-gitsina gabo uracyendera. Ukagomba rero gukuburwa n’amashusho mpuzabitsina y’urukozasoni. Brw4/246

Nguko uko amashusho nyandagazi y’imibonano mpuzabitsina yaje kuba isoko rihambaye mu bihugu bimwe na bimwe. Ayo mashusho ashimisha imbaduko nyamubiri gusa. Ni ho haturutse gusuzugura abagore, guhuza ibitsina ku buryo bwa kimashini butagira umutima, gufata ku ngufu bigenda byiyongera vuba vuba, kimwe no gusambanya abana. Abaha inzira ibyo bikorwa by’urukozasoni, birangwa n’ubugome butagira izina, nta shiti bazasarura ingaruka muri ubu buzima turimo, cyangwa mu buzakurikiraho. Brw4/247

Ni yo mpamvu, iyo abayoboke b’Abayisiramu bamagana Uburengerazuba kubera imyitwarire irekuye n’ubukozasoni mu rwego rw’impuzabitsina, baba bafite ukuri mu kwemera ko bizana ku isi imibereho itari mizima. Brw4/248

Iyo mibereho itari mizima ntabwo yoherezwa na ‘Allah’ – ahubwo ni inkurikizi isanzwe yo kwica **AMATEGEKO y’IMIBEREHO. Brw4/249**

³² Instinct (*)

Mu buryo busa n’ubwo, abayoboke ba Islam na bo bica **AMATEGEKO y’IMIBEREHO** kuko, kimwe n’Abayahudi, bakomera ku muco wo kwihorera ijisho ku rindi, kandi bakomera ko ngo habaho ikitwa Intambara Ntagatifu. icyo bita Intambara Ntagatifu nta kibaho – ikibaho gusa ni **Amanyakuri y’Ukubabarira Gutagatifu n’Ubwiyunge Butagatifu**, wakirana ‘umuvandimwe’ wawe urukundo no kumwumva, yaba inshuti cyangwa umwanzi. Brw4/250

Nta n’umwe muri mwe wakwica AMATEGEKO y’IMIBEREHO, ngo hanyuma yizere ko azinjira mu bwami bw’ijuru cyangwa paradizo. Imyitwarire yanyu nta mwanya ifite hirya y’akaduruvayo murimo mwikururira. Brw4/251

TUbasigiye ibyo bitekerezo **dusaba** ko mwabyakira ku buryo bwimbitse mu ibonunumva ryanyu, kandi mukabibyaza umusaruro mu buzima bwanyu bwa buri muni. Turabashishikariza cyane kwishyira hamwe mu dutsinda duto, mutitaye ku byemerwa nyobokamana, ngo mukoreshe aya **Mabaruwa** nk’imirongo iyobora ubuzima bwanyu bwa buri muni. Mwigobotore ibitekera, niba mubishoboye, hanyuma muteranire hamwe mu bwiyoroshye nyabwo, nk’abantu badafite ipfunwe ryo kwemera ko ibyo bazi ari bike mu rwego rw’ubuzima nya-roho – ariko bifuzwa cyane kwiga uburyo bwo kuzamura ubuzima bwabo kandi bakabuzanamo roho. Brw4/252

Nk’uko benshi muri mwe mubizi, murimo murinjira mu bihe bishya by’amateka y’isi, bizamenyekanamo ko itandukanirizo ritakiri hagati y’abakire n’abakene. Brw4/253

Itandukanirizo rikomeye rizaba mu **ibonunumva**. Itandukanirizo rizaba hagati y’abashoboye kubona umuryango wo kwinjira mu rwego rwisumbuye rw’ibonunumva, bakarashiriza urukundo n’ubwakire kuri bose kimwe - inshuti n’abanzi – kandi bakabigira intego yabo kurasiriza **Ibonunumva Nya-mana** ku mpande zose z’ubuzima bwabo bwa buri muni – n’abakomeza kujishya n’ubwikunde bwabo, bashakira gukandamiza abafite intege nke. Bashobora gusa n’ababigeraho mu gihe gito – ariko amaherezo bazatsindwa, kandi umubabaro wabo uzaba mwinshi cyane mu icuraburindi bazaba bariremeye. Brw4/254

Aya **Mabaruwa** azaba uburyo bwo gusohoka mu icuraburindi mugana **URUMURI**. Brw4/255

Uko muzashakisha kuzamura inkurikirane³³ zanyu z’ibonunumva nya-roho mu kurasiriza urukundo kuri bose nta kurobanura, ni ko muzaba murimo MUZAMUKA buhoro buhoro mu IBONUNUMVA, bikazagira ingaruka zifite imbaraga ku buziramuzwe bw’umubiri wanyu no ku mibereho yanyu ku isi. Brw4/256

Izamura ry’ibonunumva ry’isi rizashingira kuri mwebwe b’intwari. Muzasohoka mu makimbirane agiye kuza mukomeye kandi mushishikaye, nuko mutangire kubaka ubundi bwoko bw’ibonunumva ry’isi. Muzatangiza iterambere rya roho, ikoranabuhanga n’ubukungu n’amahoro y’isi bizaramba mu binyejana biri imbere. Brw4/257

³³ Frequencies (*)

Jyewe, Kristu, navuze - TWE – IKIVANDIMWE CY’ABIGISHA – turabwira Abakristu, Abayisilamu, Ababuda, Abayahudi, Abahindu, Abasufi – na buri myemerere nyobokamana y’isi. Mwese mubumbatiwe mu rukundo rwacu. Nimubyemere – kuko ari ukuri.” Brw4/258

URUTONDE RW'AMAGAMBO**AMWE N'AMWE Y'INGENZI****ASOBANUYE****Ibaruwa ya 4**

<p>Nya-roho (Spiritual/Spirituel): kiranga roho, gikomoka kuri roho.</p> <p>Intekerezo (concept/conceptions): Imitekerereze.</p> <p>Ibonezabwenge (Rationalization/ rationalisations) : Inyurabwenge.</p> <p>Gatekerezi (Mind/mental): Akamarimari k'ibitekerezo gahora kikaraga mu mutwe w'umuntu -kakamwimura mu ndagihe kakamuhoza mu mpitagihe -cyangwa mu nzagihe.</p> <p>Nya-muntu (Human/humain): Kiranga umuntu/Cy'umuntu.</p> <p>Nya-mana (Divine/Divin) : Kiranga Imana/Cy'Imana.</p> <p>Ingarukabihe yo kongera kwenda umubiri (Treadmill of re-incarnation/ <u>cycle des réincarnations</u>) : guhora wongera kuvuka ukagaruka kubaho ubundi buzima hano ku isi.</p> <p>Ikirukuri (the Reality behind all existence/la <i>Réalité</i>. qui réside derrière toute existence) : icy'ukuri kihishe inyuma y'ibigaragara.</p> <p>Ubutabire (Chemistry/ Chimie)</p> <p>Ikinyabutabire (Chemical/chimique)</p> <p>Imimerere y'ubutabire (Chemical composition/ composition chimique) : Ibigize ubutabire.</p> <p>Ubwangambibi (Infinity /infini) : Ubuziraherezo.</p> <p>Uduhenge (Opportunity/opportunités) : uburyo bwo kugera ku ntego wiyemeje/amahirwe.</p> <p>Bujyarupfu (Negatively/négativement) : ku buryo buganisha habi.</p> <p>Imyiremere (self realization/Réalisation de soi) : uburyo bwo kwirema.</p>
<p>Inkorabuzima (vital/vital): kigenga ubuzima.</p> <p>Ubu-giti (individuality/individualité) : igituma umuntu aba we ku giti cye.</p> <p>Ubunyaroho (spirituality/Spiritualité): imimerere y'ubuzima bwa roho.</p> <p>Ubube Nya-mana (Divine Beingness / Etat Divin) : Ukuba kuranga Imana.</p> <p>Uubumbabyose (Wholeness/totalité) : igiteranyo cya byose.</p> <p>Kwikorakorera (To experience/faire l'expérience): kwigeragereza.</p> <p>Icyiyumvo (Feeling/ Sensation) : uburyo umuntu yiyumva mu mubiri.</p> <p>Nya-gatekerezi (Mental/ mental): Giturutse kuri gatekerezi.</p> <p>Inyota mbamutima (Emotional drive/ instinct émotionnel) : icyifuzo kimeza</p> <p>Abaminuje (Masters/Maîtres) : Inzobere.</p> <p>Imbaduko (Instinct/impulsion) : Mushyiguzi.</p> <p>Inkurikirane (Frequencies/fréquences) : Intitsa.</p>